# Kuki Ntemeranya N'Amadini

Jeffersonville, Indiana, USA
11 Ugushyingo 1962

1 Urakoze mwene Data Neville. Mushobora kwicara. Mu gutangira, nari mpuze cyane ku buryo ntabashije kugira abarwayi nsura. Hari abantu bari bafite ibibazo byihariye nagombaga gusengera, abantu twagombaga kubonana. Rimwe mu matsinda, Billy yambwiye ko riturutse muri Canada, ahantu habiri cyangwa hatatu. Mu by'ukuri, muzi ko bakunze kuza bagacumbika mu mahoteli, buri gihe. None ndibujye kubareba, mbonane na bo; baturuka imihanda yose y'isi: muri Aziya, i Burayi no ku isi yose. Iyo turi hano, abantu baza buri munsi. Hari abarenga ku rutonde, bashaka ikiganiro cyihariye, bikadindiza ikiganiro. Ariko abarembye, bagaragaza ibimenyetso, bisaba gusengerwa byihutirwa, ndagerageza guhura na bo.

2 Mu gihe nari mu rusengero, mu kanama n'abacungamutungo b'itorero, twari kuba twabonanye mu kanya gashize, ariko muri icyo gihe, ako kanama kantwaye hafi isaha n'igice, mu gihe abantu bari kuba bari hano ngo tubasengere. Babaye bahari, nagiraga ngo mbasengere none aha. Niba babishaka, nibaze hano imbere mu gihe umucuranzi wa piyano cyangwa undi wese, aduhe injyana ya "Muganga mukuru ari hano ubu, ubabarana na twe Yesu." Rero, abagombaga gusengerwa, sinzi uko banganaga. Ndakeka ari mwebwe, bene Data. Bene Data, narababaye cyane mu mubiri wanjye, Yesu yikoreye imibabaro mu mubiri We, kugira ngo abe Umuhuza ukwiye. Mu by'ukuri, yari Imana yambaye umubiri, kugira ngo ashobore kubabara, kugira ngo ashobore kumva imibabaro y'ubumuga bwacu. Kandi ni yo mpamvu Yaje kutubera impongano. Kandi ku bw'ibyo, Yatumye Itorero Rye gukomeza umurimo We.

3 Ubuvuzi ndabwubaha cyane, ababaga kimwe n'abandi, ku bw'impano Imana yabahaye zo gukorera ku mubiri: kubaga, gukura amenyo arwaye, n'ibindi… Ndabishima. Ariko hari ubwo birenga ubumenyi bwabo bakayoberwa icyo gukora. Murabona? Ntekereza ko, mu bisanzwe, dufite uburenganzira bwo kujya kureba umuganga wacu, wo mu cyaro, umusaza witwaje itara mu ntoke, yambukiranya intoke ijoro ryose, aje kukureba, ngo akuvure, rero iyo asanze birenze ubumenyi bwe, akohereza ku muganga w'inzobere. Rero, ya nzobere iyo ishobewe, nezezwa n'uko dufite andi Mikoro, Muganga Mukuru.

Kandi We ntakimunanira, kuko ari Umuremyi Ubwe. Kandi yaduciriye inzira.

4 Mu by'ukuri iyo nza kugira ubushobozi runaka bukiza indwara, naza nkabikora. Mu by'ukuri, nanezezwa no kubikora. Ariko kubirebana n'imbaraga zikiza, ntazo mfite; nta n'undi muntu n'umwe ufite imbaraga zikiza indwara. Ariko Kirisito yadutumye gusengera abarwayi, We wamaze gushyira imbaraga zikiza indwara muri konti ya banki. Murabona? Twe icyo dukora ni ukuzana sheki tugakura umutungo kuri iyo konti. "Kandi icyo muzasaba Data mu Izina Ryanjye cyose, Nzagikora." Mbega isezerano, byonyine ntacyaribuza gusohora! Kandi nafashije bene Data na bashiki banjye ku isi yose gukura umutungo muri banki y'Imana, bakoresheje sheki z'Amaraso ya Yesu Kirisito. Kandi ibyo byabaye intsinzi ikomeye. Nta gihe Atishyuye, kuko ubutunzi buri muri banki. Murabona? "Murabona, birahagije. Ibicumuro byacu ni byo Yacumitiwe, kandi imibyimba Ye ni yo Adukirisha." Murabona, birahagije. Kandi muri uyu mugoroba tunejejwe no kwizera kwanyu.

5 Ndumva Billy yambwiye ko hari mwene Data wagize urugendo rurerure ava muri Kanada cyangwa ahandi. Ni byo? Yaba ari wowe mwene Data uturuka muri Kanada? Waba uturuka he, mwene Data? Nturuka i Kendallville, muri Indiana, i Fort Wayne. Ni i Fort Wayne nashakiye umugore. Ndabyibuka neza. Nagiriye amateraniro menshi muri Redigar Tabernacle. Nkeka ko muzi aho haherereye. Kandi nibuka ubwo nari nkiri umusore, nicaraga ku birenge bya Pawulo Rader muri Redigar Tabernacle, nari umubwirizabutumwa w'umwiga. Mwene Data Pawulo yari igihangange, na mwene Data Redigar, umugabo wizeraga. Ubugingo bwabo buraruhutse muri uyu mugoroba. Kandi icyo gihe, nari nkiri umusore; ngerageza gukurikirana icyo basize, icyo Yesu yasigiye Itorero Rye, uko ibihe byagiye biha ibindi.

6 Mu by'ukuri, nakoresheje ukwizera mfite kose nza kubasengera. Kandi sinaje nk'inzererezi. Ntidushaka na busa kubitangira muri buriya buryo. Oya, si byo. Tuza tuzi ko tugiye kwakira icyo twasabye, murabona, tuzi ko Imana yabisezeranye. Kandi tuza dufite icyo cyizere mu mitima yacu ko ari isezerano rya Kirisito, kandi ko mwebwe bene Data, mwagerageje gushyira ukwizera kwanyu ku gicaniro, mwakoze uko mushoboye kose, nje gushyira ukwanjye iruhande y'ukwanyu muri uyu mugoroba. Murabona?

Kandi noneho, dufite igicaniro kinini kiva ku mpera y'Ijuru imwe kikagera ku yindi kandi kuri icyo gicaniro harambitswe Igitambo, Umwana w'Imana. Murabona? Ni icyo Gitambo kiva Amaraso. Imana ntishobora kukireba itagihaye agaciro, murabona, kuko ari Ijambo Ryayo: "Uyu ni Umwana Wanjye Nkunda cyane; mumwumvire."

7 Ngiye gusaba Mwene Data Neville, umukuru wacu, ko yamperekeza tukajyana. Nifuza koi torero ryose… Kandi iyo aba yari umuvandimwe wawe, umugabo wawe, umwana wawe, so? Ibuka, hari uwo bigize icyo bimariye. Mu bunyakuri bwose, noneho twegere Imana ku bw'abo bene Data. Twubike imitwe.

Dawe uri mu Ijuru Utwitaho, twinjiye mu Bwiza Bwawe none aha, ku gicaniro cy'ubuntu, n'ubwo twari duhagaze iruhande rw'agatebe k'igiti, hano ku isi, ariko ukwizera kwacu kwazamutse kugera kuri kiriya Gicaniro kinini kigurumana, aho Yesu, umukiza ufite impumuro nziza imbere y'Imana, Igitambo cy'Amaraso

y'i Kaluvari, cyanesheje uburwayi bwose, umuze wose, urupfu, ukuzimu, imva, maze Arazuka, Ajya mu Ijuru hanyuma Yicara i buryo bwa Nyagasani… Kandi twebwe, mu kwizera, turaza, tukizamura hariya ku bw'ubuntu bw'Imana tuvuga, turi kuri icyo gicaniro cy'Umuremyi ukomeye w'Ijuru n'isi, tuti: “Nyakira, Mwami, uko twegera mu Izina ry'Umwami Yesu.”

8 Dore bene Data, umwe muri bo aturuka hariya mu majyaruguru ya Fort Wayne, hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika; naho undi, aturuka kure muri Kanada akagera hano, bazanywe n'ibi bihe byejejwe cyane. Ni ikibazo cy'ubuzima cyangwa urupfu, Mwami.

Dore abagabo babiri, baracyari abasore, baracyafite byinshi byo kugukorera, Mwami; abo basirikare bombi, abakirisito bakwizera. Kandi umwanzi yabarashe umwambi, kandi uwo mwambi uriho ubumara hari aho wabakomerekeje mu mibiri yabo, none bagarutse, barwanye basubira inyuma bagana ibitaro by'ubuntu bw'Imana ngo habe ubwiyunge, ngo habe gukira indwara, kugira ngo basubire ku rugamba, ingabo iri hejuru, maze ngo urugamba rureme. Baje guhuriza hamwe imbaraga z'amasengesho zabo n'izacu, Mwami. None tugiye guhangara umwanzi.

Mu Izina rya Yesu, barekure. Tukwamaganye mu Izina rya Yesu Kirisito, barekure bagende.

Ni abarwanyi mu ntambara. Kandi nk'umugaragu Wawe, mbasanze ngo mbarambikeho ibiganza, mfite kwizera, nizera: “ngibi ibimenyetso bizagendana n'abizera”, ni ko Umwami wacu yavuze, Umugaba mukuru wacu mu ntambara, “nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira.” Ibi mbikoze mu Izina rya Yesu Kirisito. Imbaraga z'uburwayi zari ziboshye umubiri w'uyu mwene Data, zimurekure, mu Izina rya Yesu Kirisito. Imbaraga z'uburwayi zari ziboshye umubiri w'uyu mwene Data, zimurekure, mu Izina rya Yesu kirisito. Ibyo bibe [ mots flous ].

9 Mana ushobora byose, Muremyi w'Ijuru n'isi, Muhanzi w'Ubugingo Buhoraho, Wowe utanga impano yose ihebuje, suka imigisha Yawe kuri aba bantu twahesheje umugisha. Kandi Handitswe ngo: “Nubwira umusozi uti: 'Shinguka aha', kandi nudashidikanya mu mutima wawe, ah'ubwo ukizera ko icyo wavuze kiri bube, uri bubone gisohora.” Nizera ko uburwayi bwavuye mu mibiri yabo. Noneho, byaravuzwe. Bibe bityo rero. Amen.

Mu Izina ry'Umwami Yesu nizera ko mufite umudendezo. Mu Izina rya Yesu Kirisito, nizera ko mufite umudendezo. Amen. Itorero na ryo ryizera rityo? Bibe bityo.

10 Mbese, hari abandi hano baba bashaka by'ukuri ko tubibuka mu isengesho? Nibazamure ibiganza. Ni byiza cyane, noneho tumwegere, mu gihe murambikanaho ibiganza. “Ngibi ibitangaza bizagendana n'abizera.”

Mana yera cyane, turabona Yesu binyuze mu kwizera; twizera ko Ari hano. Yitaye ku Ijambo Rye. Kandi Avuga ati: “Aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu Izina Ryanjye, Mba Ndi hagati muri bo.” Noneho, Data uri mu Ijuru, imbaraga z'Imana Ishoborabyose zikore kuri aba bantu, Mwami, mu gihe barambikanyeho ibiganza. Wahaye itorero inshingano ya nyuma: “Ngibi ibitangaza bizagendana n'abizera. Nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira.” Warabisezeranye, kandi turabyizera. Rero, byarakozwe, kandi turabiguhimbariza, mu Izina rya Yesu Kirisito. Amen.

Kandi mu Izina rya Yesu Kirisito imbaraga z'Imana zisige utu dutambaro twagenewe abarwayi n'abakene. Ubwo tuzoherezwa kandi tukarambikwa ku barwayi, abarwayi bazakire. Dusoma muri Bibiliya ko bakuraga udutambaro kuri Pawulo; imyuka mibi ikava ku bantu, kandi abarwayi bagakira. Kandi, Data, tuzi ko tutari Pawulo, ariko tuzi ko Uri Yesu udahinduka. Kandi turagusaba ngo Utwemerere ibyo tugusabye ku bw'icyubahiro Cyawe. Amen.

11 Sinzi niba amabande yatangiye gufata amajwi. Yaba yatangiye? Niba ataratangira, nifuzaga ko batangira gufata amajwi noneho. Nizera ko byatangiye. Mu by'ukuri, niringiye ko ntari bubarambire uyu mugoroba. Ntangiye igice cy'isaha cyangwa iminota mirongo itatu n'itanu mbere. Kandi noneho, ni icyigisho cy'ishuli ryo ku cyumweru, kandi nibwiye ko hari uwo byagirira umumaro nshyize kuri bande icyo mfite ku mutima. Kandi tugiye kwinjira mu kindi cyiciro, ingando nshya, byose ni bishya.

12 Kandi noneho, nifuzaga gusoma imirongo mike y'Ibyanditswe. Niba mushaka gusoma hamwe nanjye, nifuzaga gusoma 1Samweli 8: 4 - 10, hanyuma mu gucunguza uburyo umwete, dusome imirongo 19 na 20. Kandi hano mfite impapuro nyinshi nanditseho imirongo y'Ibyanditswe n'amashakiro,kugira ngo mwebwe abafite ikaramu, cyangwa ikindi nk'icyo, urupapuro, abashaka kwandika amashakiro, mubashe kuyandika, naho ubundi, Bwana Maguire azaba afite bande.

Kandi nashakaga gutura iyi bande abagaragu b'Imana, bene Data abagaragu b'Imana banyumvise nabi, by'umwihariko bene Data bo mu madini. Kandi hafi ya bose ni abanyamadini.

13 Kandi umutwe w'icyigisho cyanjye uyu mugoroba ni: “Kuki ndwanya idini?” Ngiye gusoma imirongo y'Ibyanditswe kugira ngo ibi bigaragare ko ari Ibyanditswe mu buryo budakuka; ndashaka gusoma muri 1Samweli 8: 4 - 10, hanyuma 19 na 20. Ibyo nageneye iteraniro rindi imbere, niringiye mugiye kwandika

iyi mirongo y'Ibyanditswe hanyuma mwagera i muhira, mukaza kuyisoma mwitonze. Naho mwebwe bene Data muzumva iyi bande, niringiye ko namwe, mutazahita muhagarika bande, nimugira icyo mwumva mutemeranya na cyo, ah'ubwo ko muzihutira gushaka Imana kuri byo, ngo murebe ko ari Ibyanditswe. Nizera ko ari inshingano yacu kuri twebwe no ku Butumwa bw'iki gihe.

Nizera ko hari abakirisito mu madini yose, kandi sindwanya abakirisito na gato. Ariko impamvu nakoze ibyo nakoze, kandi nkavuga ibyo navuze, ni ukubera uguhumekerwa na Mwuka Wera ku Ijambo.

14 Noneho, dusome 1Samweli 8: 4 - 10:

*Ni uko abakuru ba Isirayeli bose baherako baraterana, basanga Samweli i Rama,*

*Baramubwira bati: "Dore uri umusaza kandi abahungu bawe ntibagendana ingeso nk'izawe, none rero utwimikire umwami ajye aducira imanza nk'ayandi mahanga yose."*

*Ariko iryo jambo ribababaza Samweli ubwo bavugaga bati: "Uduhe umwami wo kujya aducira imanza." Ni uko Samweli abitura Uwiteka.*

*Maze Uwiteka abwira Samweli ati: "Emerera abo bantu ibyo bagusabye byose kuko atari wowe banze, ah'ubwo ni jye banze ngo ntaba umwami wabo.*

*Barakugenza nk'uko bajyaga bangenza muri byose, uhereye umunsi babakuriye muri Egiputa ukageza ubu. Baranyimuye bakorera izindi mana. Ni uko none ubemerere,*

*Ariko ubahamirize cyane, ubasobanurire uburyo umwami uzabategeka uko azabagenza."*

*Ni uko Samweli asobanurira abantu bamusabye umwami amagambo y'Uwiteka yose.*

Noneho, imirongo 19 na 20 nk'umwanzuro.

*Ariko abantu banga kumvira Samweli bavuga bati: "Biramaze, turashaka umwami wo kudutegeka*

*Kugira ngo natwe duse n'andi mahanga yose, umwami wacu ajye aducira imanza, atujya ... imbere, aturengere mu ntambara zacu."*

Umwami yongere umugisha We ugusoma kw'Ijambo Rye. Noneho, nk'uko ari icyigisho cy'ishuli ryo ku cyumweru, nifuzaga kuvuga ko icyifuzo cyacu ari uko twakwitondera Ijambo Ryayo uko bishoboka kose.

15 Kandi tuzi ko rimwe na rimwe, bavuga ibintu (N'amadini amwe), bigira uwo bitsitaza, uwigishijwe ibinyuranye n'ibyo yumva. Urugero, hari uwambwiye, kiriya gihe, ni incuti yanjye kandi yicaye hano ubungubu, yavuze ati: "Mwene Data Branham, ubwo wavugaga - n'icyizere nkugirira cyose - ubwo wavugaga ko ari nta kuzimu kw'iteka kubaho, ni ko yavuze, habuze gato ngo mpanuke mvuye ku ntebe nari nicayeho. Maze mvuga nti: 'Ntagushidikanya ko incuti yanjye yibeshya.'" Hanyuma avuga ati: "Mwaturekeye hariya igihe kirekire. Hanyuma muvuga muti: 'Habaho Ubugingo Buhoraho bumwe gusa, kandi ni ubuturuka ku Mana.'" Kandi ni cyo dushakisha twese. Murabona?

16 Nta murongo n'umwe w'Ibyanditswe uvuga ko habaho ukuzimu kw'iteka. Mu by'ukuri, icy'iteka ntikigira itangiriro habe n'iherezo. Kandi na Bibiliya ivuga ko ukuzimu kwaremewe Satani n'abamalayika be, si ukw'iteka rero. Hari igihe ibyo bitababagaho, kandi hazaba igihe ukuzimu kutazongera kubaho ukundi. Ariko abantu bashobora kuzajya bahahanirwa, mu muriro n'amazuku, mu nyanja y'umuriro, mu bihe bitagira ingano, ariko amaherezo bizagira iherezo, kuko ukuzimu atari ukw'iteka. Kandi iyo aba habagaho ukuzimu kw'iteka, twakagombye kugira Ubugingo Bw'iteka hanyuma tukibera i kuzimu kw'iteka. Kandi iyo aba ukuzimu kwari ukw'iteka, ni uko kwakabaye kwarahozeho, namwe mukaba mwarahoze i kuzimu, kandi akaba ariho muzahora iteka. Murabona, nta bintu nk'ibyo bibaho.

Mu by'ukuri, murabona, "icy'iteka" bivuga ikitigeze itangiriro cyangwa iherezo. Kandi hariho uburyo bumwe bw'Ubugingo bw'iteka, kandi ni mu Mana; biva mu ijambo ry'ikigiriki "zoe", risobanura Ubugingo bwite bw'Imana. Kandi iyo tuvutse ubwa kabiri, tubyawe na Mwuka w'Imana, duhinduka ab'iteka hamwe n'Imana, kuko dufite igice cy'Ubugingo Bwayo, akaba ari cyo kitugira abahungu n'abakobwa b'Imana, tukaba rero dufite Ubugingo Buhoraho. Hamwe n'ubugingo buri muri twe, Imana izazura umubiri (Ikoresheje ubugingo) ku munsi w'imperuka; kandi ni Mwuka w'Imana uba muri twe uzuka; mu by'ukuri, ni Mwuka wa Kirisito, wari muri Kirisito, ubeshaho imibiri yacu, Akanatuzurana na We, ngo Anatwicaze mu bwiza kugira ngo twimane na We.

17 Mu by'ukuri, dutangire icyigisho. Mbese, nabonye iby'amoko yose muri iyi myaka, kandi iyi ngando yakomeje kubaho yemye, n'ubwo naherewe inshingano mu itorero ry'ubutumwa ry'ababatisite na Dogiteri Roy E. Davis, hakaba hashize imyaka ikabakaba mirongo itatu n'itatu hano i Jeffersonville… uhereye icyo gihe, iryo dini narimazemo igihe gito, amezi make, kugeza ubwo idini ryakoze ikintu gihabanye n'Ibyanditswe, maze mbwira pasitori ko ntashoboraga kubyihanganira. Kandi, hari icyo nasabwe gukora,

ntagikora… maze mpitamo iyo "ntagikora". Cyari rero ikintu nizeraga, ko ari Ijambo ry'Imana. Hanyuma naje kubwira umuntu wari umwigisha mukuru nti: "Kinyereke mu Ijambo ry'Imana." "Ariko, ni ko yambwiye, ni yo nyigisho yacu." Mvuga nti: "Ariko ndashaka ko biva mu Ijambo murabona, Ijambo ry'Imana."

18 Kandi kutaba umunyedini kwanjye si ko kuntera kurwanya idini, mu by'ukuri, ndashimira bene Data ngira icyo mbwira ubu, abantumira, ndakeka ari hafi buri dini, by'umwihariko abiyitirira Ubutumwa Bwuzuye, no mu yandi madini menshi. Nasabwe kubisunga, ariko nakomeje kwigenga. Mu by'ukuri, ugukongeza mfite, sinifuza kugushyira mu itsinda ry'abantu rimwe gusa. Nifuza gutanga icyo Imana yampaye, gusengera abarwayi, bikungura abana b'Imana ba buri dini bose. Ntiyigeze intuma kugira uwo ntasengera bitewe n'uko abarizwa aha cyangwa hariya; Imana ni Yo igenzura umutima w'umuntu.

19 Kandi noneho, tujya gutangira, impamvu ntari umunyedini kandi nkaba ndirwanya, ubwa mbere, ni uko ntemera ko biri mu Byanditswe ko ubukirisito bugira inzego. Nizera ko inzego zitari mu Byanditswe. Kandi ni byo nshaka kugerageza uyu mugoroba, ku bw'ubuntu bw'Imana, ngakora ibishoboka byose ngo mbahamirize ko atari Ibyanditswe, ko bidakwiye kugira inzego.

Ubwa mbere, tubyita idini. Ijambo "idini" risobanura "igitwikirizo", bisobanura kugira icyo utwikira. Mu by'ukuri, Adamu yari afite idini, iryo yari yariremekanirije mu bibabi by'umutini, hanyuma ntibyagira icyo bimugezaho. Yafatiriye inzira yamugeza ku gakiza, maze Imana irabyanga uhereye kuri Adamu ukageza ku muryango w'idini rya nyuma. Ntibyigeze bishoboka, kandi ku bw'ubuntu bw'Imana turabibahamiriza dushingiye kuri Bibiliya. Idini ryari igitwikirizo. Adamu yidodeye igitwikirizo mu bibabi by'umutini, yarabyikoreye, agerageza kugira icyo yikorera ubwe.

Ah'ubwo Imana yasabaga urupfu, impongano.

20 Nyamara, hari ikinyurano kinini hagati y'idini n'agakiza (murabona?), agakiza. Idini, ni igitwikirizo. Miurabona? Agakiza, ni ukuvuka, impano y'Imana. Agakiza, ni ukuvuka n'impano y'Imana, kandi nta muntu n'umwe cyangwa itsinda ry'abantu na rimwe ryashobora kukageraho. Ni impano y'Imana ku muntu. Kandi iyi mpano y'Ubugingo Buhoraho yari yarateganijwe n'Imana kuri buri muntu isi itarashyirirwaho urufatiro, nk'uko biri mu Byanditswe. Bibiliya ivuga mu Byahishuwe, ko antikirisito wagombaga kuza mu isi, yajyaga kuyobya abari mu isi bose, abo amazina yabo atanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro. Murabona? Imana mu kumenyabyose Kwayo, Yari yarabonye uwajyaga kwemera kuza; Kirisito yamanuwe no gucira inzira abajyaga kwemera kuza. Murabona, Izi ko abandi.

21 Niba ari Imana byonyine, igomba kuba itagira aho igarukira. Niba Itagira aho Igarukira, Ntishobora kutagira aho Igarukira ngo Ireke gushobora byose. Ntiyashobora byose Itabera hose icyarimwe. Ntishobora kubera hose icyarimwe Itazi byose. Bityo, murabona, ibyo byose ni byo biyigira Imana.

Yari izi iherezo uhereye mu ntangiriro. Yari izi uwajyaga kuzemera n'utajyaga kuzemera, kandi Yari izi ko hari benshi bajyaga kuzemera kuza. Mu by'ukuri, nta na gito twashobora kubikoraho. Yesu yavuze ati: "Abo Data yampaye bose (ya…, impitagihe) bazaza aho Ndi. Kandi ntawe uwaza aho Ndi atari Data umuhamagaye." Murabona? Mu by'ukuri, murabona, byose bishingira ku kumenya Imana.

22 Uzavuga uti: "Mwene Data Branham, naba ndimo?" Simbizi. Mfite ibyiringiro byo kubamo. Dukorera agakiza kacu dutinya kandi duhinda umushyitsi. Mu by'ukuri, Itorero ryatoranirijwe kuzabonana n'Imana, ridafite ikizinga habe n'umunkanyari. Nyamara, niba turi muri ririya Torero, twatoranijwe hamwe na ririya Torero. Mu by'ukuri, mwisuzumire mu Ijambo, mushobora rero kubona uko muhagaze.

Mu by'ukuri, ubukirisito burimo inzego, ntibushobora gutanga ibibi byiringiro. Ashwi. Bamwe bavuga bati: "Nimuze mwature ko Yesu ari We Kirisito, mubatizwe mu idini." Na Satani ni byo akora. Na we ubwe yemera ko Yesu ari We Kirisito akanahinda umushyitsi. Murabona, ni ukuri.

23 Nta na hamwe mu Byanditswe Imana yigeze itegeka gushyiraho inzego. Nta murongo n'umwe muri Bibiliya uvuga ibyo. Adamu yashinze idini ariko ntiryagira aho rigera.

Hanyuma Nimurodi agerageza gushinga idini. Niba uri umunyamateka, ukaba unazi amateka ya Babuloni, soma "Babuloni zombi" za Hislop, uzarushaho gusobanukirwa uyu Nimurodi, uyu munyabyaha yafashe Babuloni n'ariya madini ayikikije, ari byo byashushanyagaga ubukirisito busigaye ku izina bw'ibihe by'imperuka, maze yubaka umurwa ukomeye cyane hanyuma iyindi yose ikawuzanira amakoro. Kandi, yubatse umunara maze agerageza guhuriza abantu mu idini, ariko ntibyagira aho bigera. Ntibyagize aho bigera. Ntibyagize aho bigera.

24 Kora, mu Kubara 16: 1, niba mushaka kuhasoma, Kora yagerageje ibintu bimwe neza na neza. Yahurije hamwe abalewi bose, kandi afata ibirangirire bimwe, iby'ingenzi, abantu bakomeye, abantu abera, Datani na Kora bishyize hamwe maze bavuga bati: "Ntibikwiye, ko umuntu umwe agerageza kudutegeka twese." Hanyuma bombi, bagerageza gushinga idini, maze baza imbere ya Mose na Aroni, abo Imana yari yaratoranirije umurimo, bababwira ko bari barambiwe, ko iteraniro ryose ryari iryera, bakaba bari bafite uburenganzira bwo… "Agakiza kari mu mubare munini w'abajyanama", ntagushidikanya, ni ko

bavuga. Ibyo, ntibikora mu bukirisito. Bikora mu ngabo. Mwitegereze, biranyuranye cyane.

Ushobora gufata umurongo umwe w'Ibyanditswe maze ukavuga uti: "Yuda ajya kwimanika", hanyuma "wowe, ukagira nka we", niba ubishatse, ariko ntibikwiriye.

25 Imana yari yaratoranije Mose kandi Yari yaratoranije Aroni, ubwo ni bwo bwari Ubutumwa bw'igihe. Kandi uko urundi ruhande rwaba rwiza kose, byari bihabanye n'igitekerezo cy'Imana. Kandi tugomba kureka ugutekereza kw'Imana kukaba ukwacu. Ugutekereza kwari muri Kirisito kube muri mwe. Kandi iyi Bibiliya ihishura ugutekereza kwa Kirisito. Kandi Igitabo cyo guhishurirwa cyitwa Ibyahishuwe cyose, ni uguhishurwa kwa Yesu Kirisito. Kandi tubona ko Acira ibyo bintu ho iteka, Akabishyira uruhande rumwe, kandi turabigeraho mu kanya. Ni byiza cyane.

26 Ntekereza ko Kora yari azi ko ari mu kuri. Ntekereza ko uyu mugabo atari agambiriye kugira nabi. Ntekereza ko ari ubujiji bwatumye atabona ukuboko kw'Imana gukorera muri Mose kuko atari azi Ibyanditswe, ikaba ariyo mpamvu yabishyizemo ubwenge aho kwizera.

Kandi mpamya ko ari byo shingiro rya hafi mirongo cyenda n'icyenda ku ijana y'ibibazo biriho ubu, ni uko dushaka guseseka ibitekerezo byacu mu mugambi w'Imana. Kandi ntitugomba gutekereza na busa. Ni Yo itekereza mu mwanya wacu. Twebwe, tugomba kwegurira ibitekerezo byacu ubushake Bwayo. Murabona? Murabisobanukiwe noneho?

Kora, mu migambi ye myiza, yakoze hirya akora hino, n'inyigisho z'ibinyoma, abwira abo bene Data bandi, abumvisha ko Imana itahaye umugisha Mose wenyine, nk'umuhanuzi, nk'intumwa, ah'ubwo ko "Iteraniro ryose ryejejwe, kandi ko rifite uburenganzira bwo gukora bimwe n'ibyo akora." Afata abagabo b'abatizera mu Balewi. Kandi aba, bari baratoranijwe n'Imana, nk'abo twakwita abakozi b'Imana muri iki gihe, Abalewi bari abakozi bo mu nzu y'Imana. Ese Mose ntiyabacyashye ku bwa byo? Kandi aho, yaraberuriye. Yarababwiye gufata icyotezo, ngo bashyireho umuriro wejejwe, banshyiremo ububane, bahungize ubwo bubane bwera, nk'uko byategetswe n'Imana. Bageze aho bashyiraho itsinda ry'abantu ryo kuyobora idini, igihe Imana yari yarategetse ko bikorwa n'umuntu umwe.

27 Kandi ubwo babikoraga, Mose yaguye yubamye, mu by'ukuri, yari azi ko Imana yari yaramutoranirije uwo murimo. Maze Imana ivuga iti: "Babwire bazane ibyo byotezo hano imbere y'ihema." Kandi ubwo batangiraga guhungiza ibyotezo byabo, byari byuzuye umuriro, n'ububane bushya, Imana yabwiye Mose na Aroni iti: "Nimwitandukanye na bo. Muve hagati yabo." Mu by'ukuri, nyuma, Yabafashe nk'abanyabyaha, nk'abatizera.

Icyaha, ni ukutizera Ijambo ry'Imana. Wiba kuko utizera; ubeshya kuko utizera. Usambana kuko utizera. Iyo uba umwizera, ntiwajyaga kubikora. Hariho inzira ebyiri gusa, hari ukwizera cyangwa ukutizera; uyoborwa na kimwe cyangwa ikindi.

Rero, mu itangiriro, Imana yari Ijambo, hanyuma Yambara umubiri Itura hagati yacu. Yari Ijambo; kandi ni Ijambo. Iyo Imana ituye muri wowe, ni Ijambo ry'Imana riba riri muri wowe, akaba ari cyo gihe ushobora kuvuga Amen ku byo Ivuze byose. Ni Imana ituye muri wowe.

28 Rero, mwitegereje, bariya bantu bafite icyotezo mu ntoke, umuriro wera mu ntoke zabo, Imana yasamuye ubutaka burabamira, maze Ibatandukanya na Mose, kuko Mose yari yitandukanije na bo. Maze Mose aburira iteraniro ati: "Ntimutakaze igihe cyanyu n'agatsiko k'abantu nka bariya, mubagendere kure." None se ntimuzi Ibyanditswe, musome ibice 16, 17, na 18 byo mu Kuva, murabyibonera. "Mwitandukanye na bariya banyabyaha, abanyabyaha batizera. Muve hagati yabo, kuko bagana mu irimbukiro, nta kindi bafite." Ubutaka bwarumviye maze bumira ziriya nzirakarengane zari zifite umuriro mu ntoke: inzirakarengane zashutswe n'umuntu.

Ni cyo kimwe muri ino minsi. Hari inzirakarengane zigwa mu mutego w'imihango, zifite mu ntoke zabo Ijambo ryera, zakagombye kubwiriza. Mbonye umukozi w'Imana bimutangaje, w'umubatisite; yari umumetodisite kugeza ku cyumweru gishize. Ubwo yandebaga, nkeka ko ibyo bivuze kinini kuri wowe mwene Data, kuba warasohotsemo.

29 Mwitegereze, bafite umuriro mu ntoke, umuriro woherezaga umwuka uhumura neza imbere y'Imana, ayo maboko yarawufashe, nyamara bapfanye uwo muriro mu maboko, kuko mu bujiji bwabo bashakaga kugira icyo bakorera Imana, nyamara gihabanye n'Ijambo ry'Imana, bagerageza gukora idini. Bavuze bati: Birakabije. Uri nde kugira ngo uvuge ko ufite Ijambo ry'Imana ryose?"

Bananiwe no kubona ko Mose yari intumwa yo muri icyo gihe. Yari afite NI KO UWITEKA AVUZE. Nta muntu nka we wari uriho ku isi. Yari afite Ubutumwa, ariko abantu bananiwe kubibona. Kandi Mose yakoraga neza na neza NI KO UWITEKA AVUZE. Ni koko. Ni byiza.

30 Rero, tubona bimwe muri iki gihe, abantu beza, abantu bakomeye, abantu b'ingirakamaro bagerageza kubwiriza iri Jambo ry'Imana bafite mu ntoke, bitwaje umuhango washyizweho n'abantu: bagabanyaho hano, bagabanyaho hariya maze bagahindura ibi mo biriya, kandi: "Muze mu itorero, maze muhindure aho

mubarizwa", maze bagapfa mu mwuka bafite iryo Jambo mu ntoke. Murabona?

Ntibashoboye kwizera intumwa y'Imana cyangwa Ubutumwa bwa kiriya gihe. Ntibashoboye kumva ukuntu Imana ikomeye itakoresheje itsinda ry'abantu, ah'ubwo Igakoresha umuntu umwe.

Yoo! Navuganye na benshi muri bo: "Twakora iki mwene Data Branham? Tuzi ko ufite ukuri, ariko se twakora iki? Idini ko ryaduta hanze, ntitwabona aho kujya." Barababaje; ariko nzi ko hari ahantu hamwe. Muvuga muti: "Twakwicwa n'inzara."

Dawidi yavuze ati: "Kera, nari umusore, ubu ndashaje sinigeze mbona umukiranutsi wibagiranye cyangwa urubyaro rwe rusabiriza icyo kurya."

31 Ni yo mpamvu banze Yesu neza na neza. Bari baraboshywe n'idini ryabo, abatambyi bera babo n'inyubako zera zabo n'insengero zera zabo ku buryo batabonye Imana mu mubiri. Yego. "Wowe uri umuntu, ukigira Imana." Murabona, bari baratwawe n'ibyo. Abo bagabo bari baratwawe ku buryo Datani n'abandi bari bafite ukuri. Nimurodi yari yaratwawe n'igitekerezo cy'uko yashoboraga kugira icyo yakora cyatuma abantu batagerwaho n'uburakari bw'Imana. Adamu yibwiraga ko nahisha ubusa bwe Imana itari bubimenye. Ntushobora kubuhisha; birakwiye ko Imana ibuhisha. Murabona? Ni umugambi w'Imana ubuhisha, si umugambi wanyu. Ni ko byahoze. Abantu ntibajya bamenya Yesu mu buturo Bwe, Imana igaragaye mu mubiri.

Ibi birambabaza, kubona amagambo ya Bibiliya yarasimbuwe n'imihango. Kubona abantu b'indahemuka, bumva iri Jambo, bakemera ko ari ukuri, ariko ntibagire icyo bakora kuko imihango yabo ibigisha ibindi. Nimwikomereze ibyanyu, nababwira iki; naho jyewe n'umuryango wanjye, twahisemo Kirisito, Ijambo. Murabona?

32 Dufate Yohana 3 akanya gato, Nikodemu, umwigisha n'umutware w'idini rikomeye ryitwa Sanidiriya. Bari bateranye, bari barashyizeho imihango yabo. Iy'abafarisayo n'iy'abasadukayo, kandi bari bafite amadini yabo, ibibatandukanya, n'ibindi. Uyu mugabo yari umwigisha, umutware w'iyo Sanidiriya ikomeye, umuhanga mu byo kwigisha. Yibwiraga ko azi Ibyanditswe. Yari abizi ushingiye ku mihango yabo. Yesu ntiyavuze ati: "Kubera imihango yanyu, amategeko y'Imana yataye agaciro"?

Murabona, kubera imihango yabo… Ni iki? Gusobanura Ijambo aho kurireka ngo rivuge icyo rivuga. Bavuga ko bitavuga ibi. Murabona, ni rya jwi Satani yakoresheje ashuka Eva ubwo yatangizaga idini rya mbere. Murabona? "Ntagushidikanya ko ari uko bizagenda. Imana ntizabikora, murabizi." Ni ibintu bimwe. Ni ibintu bimwe ubu.

33 Noneho, tubona ko wa mutware yaje kureba Yesu. Mu by'ukuri, yaje gushaka Ubugingo Buhoraho; yaje gushaka Agakiza. Nyamara, umuntu wo mu rwego rwe, umwigisha wa Isirayeli, kandi uwo mwigisha yaje kureba umuntu bazi niba yarigeze akandagira mu ishuri. Umuntu ukuze, umusaza w'umutambyi, yaje kureba umusore. Yari umunyacyubahiro, umukire waje kureba umukene utagira aho arambika umusaya, amuyoboza inzira y'Agakiza n'Ubugingo. Icya mbere, abagize iyo Sanadiriya, dushingiye ku byo Nikodemu yavuze, bari barabonye muri Yesu icyo abandi bantu bo mu idini ryabo batari bafite. Bari babonye ko hari icyo Yari afite, mu by'ukuri yavuze ati: "Mwigisha, tuzi ko uri…" ntibashakaga kubyatura, kuko bajyaga kubata hanze. Murabona? "Tuzi ko uri umwigisha wavuye ku Mana, kuko ari ntawe uwakora ibyo ukora atararuturutse ku Mana. Turabizi." Yoo! Mbega idini.

34 Noneho, tubonye ko Yesu ari ukwigaragaza kw'Imana. Mu by'ukuri, "Ntawe uwashobora gukora biriya bintu Imana itari kumwe na we." Bari bazi ko hari icyari kiri muri uriya Muntu gitandukanye. Yari Umucyo wa kiriya gihe. Yari Umuhamya w'Imana.

Kora na we yari yabonye nka byo muri Mose. Kiriya gihe nta muntu nka Mose bari bafite. Mose yari umuhamya w'Imana wa kiriya gihe, umuhamya w'imbaraga z'Imana. Kora n'itsinda rye bari barabibonye muri Mose. Bari barasobanukiwe ko bitashoboraga kuba Mose. Mose ntiyashoboraga guca inzira mu nyanja Itukura. Mose ntiyashoboraga kohereza ibyago ku isi. Yari Imana muri Mose, kuko Imana yari yishushanije mu muhamya cyangwa umucyo w'igihe, abantu bananiwe kubibona. Kora yifuzaga gushyiraho itsinda ry'abantu, ngo batangize idini.

35 Idini nta kindi rimaze usibye iki: ukwinjiza umwanda wose barangiza bakawita ubukirisito. Kohereza umwana mu ishuri, umwana ufite ubumenyi bw'Imana butaruta ubw'umuhotanto afite ku munyacyubahiro wo muri Egiputa, kumwoherezayo, agahabwa ubumenyi, agahabwa ubumenyi bw'imico y'umuntu, agahabwa impamyabumenyi y'ikirenga muri filosofiya, cyangwa impamyabumenyi ihanitse mu ndimi, kimwe muri byo, hanyuma ukamwohereza kubwiriza Ubutumwa Bwiza, umwana utigeze akizwa, uhakana ko Yesu yabyawe n'umwari, uhakana ko Yazutse, uhakana gusengera abarwayi, uhakana imbaraga z'Imana, uhakana amahame yatumye Yesu apfa, uhakana ko Mariko 16 ihumekewe, uhakana "dore ibitangaza bizaherekeza abazaba bizeye" mu gihe Yesu ari We wavuze ayo magambo; uwo mwana uhakana Ibyakozwe n'Intumwa 2:38, uhakana Icyanditswe icyo ari cyo cyose gihumekewe , agerageza gufata imihango y'umuntu atanazi, akabisubiramo ubudahwema. Kandi iyo ubabwije ukuri, maze ukabereka ukuri,

bagira isoni zo kugira icyo bakora, kubera idini ryabo.

36 Kōra yakoze nka byo; yabonye Imana muri Mose; yabonye ko yari umukozi w'Imana kandi ko Imana yakoreraga muri we; na Nikodeme yabonye Imana muri Kirisito: "Ntawe uwakora ibyo ukora Imana itari kumwe na we." Nikodemu yari mu idini ariko yashakaga uko yarisohokamo. Kora yari hanze y'idini ariko yashakaga kuritangira. Dore aho bitaniye. Nikodemu yashakishaga Agakiza kugira ngo asohoke muri byo; yari abirimo kuva mu busore bwe, yarabirambiwe. Yashaka gukizwa. Naho Kora yashaka kuba umuntu ukomeye.

37 Abantu b'ubu ni ko bameze. Ni cyo kibazo cya gikirisito; dufite ibyiganano byinshi. Kandi bene Data b'abapantekosite buzuye ibyiganano byinshi, ibinyamubiri. Iyo Imana ihagurukije umuntu, ikagira icyo imuha, abantu bose bagerageza kumwigana uwo muntu. Musanga mutisenyera? Nk'uko Pawulo yabivuze,"twirukankane umurava." Umuntu ufite umupira, ntukawumwambure, gerageza kumurinda. Ariko aho gukora utyo, ngo kuko atari uwo mu idini ryanyu, mushakisha uko mwawumwambura. Umugabo usobanya ingendo kugeza aho atsitara no ku musambi, azashakisha kuyikwambura. Ni ukuri, nshaka kuvuga kuruhande rw'umuka. Mumbabarire. Ndi… Rero, azatsitara ku kantu gato nka Ibyahishuwe 2:38; azangwa byanze bikunze. Naho iyo atsitaye kuri Mariko azabyivanamo ate? Murabona? Ni amasomo shingiro ya Kirisito. Kandi ikintu bagiyeho impaka mu Nama y'i Nikeya, nyuma y'iyo myaka yose baracyahatsitara.

38 Kōra agerageza gushinga idini ngo aryinjiremo… Ariko Nikodemu yari mo, agerageza gusohoka. Nikodemu yaje kwemerwa maze arasohoka. Kora, yaguye mo, yaje kwizira. Mbega akumiro!

Idini rya Nikodemu, ryari rizi ko Kirisito yatumwe n'Imana; ryarabivuze. Nikodemu, hano mu gice cya 3, abivuga muri aya magambo: "Mwigisha, tuzi ko uri Umwigisha waturutse ku Mana, kuko ari ntawe ushobora gukora ibitangaza ukora Imana itamushyigikiye." Kandi iryo, kubera idini ryabo bamwise Belizebuli, kubera imbaraga yari afite zirukana amadayimoni, iryo tsinda ryavugaga riti: "Ayobesha ubwoko bwacu inyigisho Ze." Na n'ubu, ni cyo kimwe.

39 Yesu avuga ati: "Nkora ikinezeza Data gusa. Ndinda amagambo y'Imana gusa", kuko Ari Ijambo. Ntacyo yari gukora kitari Ijambo.

Ariko kubera amadini yabo, kubera uburyo bari baraboshye abantu… mu mitima yabo bari babizi, ariko idini ryabo ntiryashakaga kubareka ngo babikomeze. Rero, kugira babone impamvu yo kubuza abantu gukurikira Ukuri kw'Imana (mu by'ukuri, Yesu ni ukuri: "Ni Jye Kuri n'Umucyo"), bavugaga ko Yayobyaga abantu. Mubitekerezeho! Umuntu, wari uzi ko Yari Imana, ko Imana yari muri We ("Ntawe ushobora gukora ibi bintu habe no kubivuga keretse Imana iri kumwe na we."), yari abizi, yarabivugaga akanabyatura, ariko nyuma aza guhinduka maze amwita Belizebuli n'uyobesha abantu, ubwoko bwabo, inyigisho Ze. Mbega akumiro!

40 Nikodemu yari azi ko Yesu yari umuhanuzi. Mu by'ukuri, yari umuntu wo mu idini wakundaga kandi akubaha Imana bihagije, akaba yaramenyeshejwe n'Isezerano rya Kera ko uwo Muntu yari yujuje ibisabwa kandi yari ahamijwe ko Yari Umuhanuzi watumwe n'Imana. Uriya mugabo, ndamwubaha n'ubwo yitwikiriye ijoro, yagezeyo. Aruta kure abigisha bacu ba none benshi; ntibaza na mba. Nikodemu we, yashizwe agezeyo. Mwe kumuciraho iteka, niba mwebwe mutaragerayo. Nikodemu yari azi ko Yari umuhanuzi. Rero, yubahaga Imana. Ntiyashatse kureka uriya Muntu, Umucyo wa biriya bihe, amujya kure. Uko byari bihabanye kose, uko idini ryavugaga ko byari bihabanye kose, yari yarabonye Imana ihamya uriya Muntu, kandi yari azi ko Yari umuhanuzi. Kandi niba Yari umuhanuzi, Ijambo ry'Imana riza ku muhanuzi, rero Yari icyo yavugaga. Yari azi ibyo Yavugaga. Murabona? Rero, yagendereye Yesu; yashakaga kumenya uko yakwakira agakiza. Kandi uriya Muntu, yari umuhanuzi, Ijambo ry'Imana ryari kumwe na We kandi Yari azi nzira y'agakize.

41 Ariko icyo Nikodemu yagombaga kumenya, ni cyo abenshi mu banyedini ba none bagomba kumenya. Icyo Nikodemu yakagombye kumenya, ni cyo abanyedini bakagombye kumenya ubu. Yari arenze kuba umuhanuzi. Yaje kubaza Yesu ngo amurangire inzira y'Ubugingo, kandi Yesu ubwe yari Ubugingo. Ufite Umwana aba afite Ubugingo. Rero, ntakeneye kwiga amahame; agomba kwakira Umuntu. Ni byo biriho uyu mugoroba. Ibuye ry'Imfuruka, Ibuye ry'Ingenzi ryongeye kujugunywa. Ibuye ry'Imfuruka, Ibuye ry'Ingenzi ni iki? Ni Ijambo, ntagushidikanya, Kirisito, Ni Ijambo. Hari icyo yagombaga kumenya. Yibwira ati: "Mu by'ukuri, uriya Muntu ni umuhanuzi; nta kindi yaba kitari umuhanuzi."

42 Mwaba mwarabonye ko Yesu atigeze asubiza ikibazo cye? Yamushinje gusa ubuhumyi bwe. Murabona? Yari arenze kuba umuhanuzi; Yari Ijambo n'Umucyo urabagirana w'Ijambo. Yari Imana irabagiranira mu mugaragu, Ihamya ko Yari Imana mu Muntu. Yari Ijambo. Yohana 1: 1 handitswe ngo: "Mbere na mbere hahozeho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana kandi Jambo akaba Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri hanyuma aturana na twe." Kandi hariya hahagaze Ijambo ry'Imana muri uriya Muntu unanutse, ibyo byahumye amadini. Yaje gushaka umuntu ku giti cye. Yari arenze kuba umuhanuzi, Ni Ijambo. Ni Ubugingo. Ntiyagombaga kubigisha iby'Ubugingo buzaza kuko ari We Bugingo. Ni We Mucyo. Ni We Bugingo Buhoraho, Buri muri We, kandi ni We wenyine utanga Ubugingo Buhoraho. Ufite Umwana

afite Ubugingo. Rero, ntushobora kumwigishaho; ugomba kumugira, We.

43 Muzavuga muti: "Abantu baricara bagacukumbura iyi Bibiliya n'amagambo y'ikigiriki yose, n'ibisobanuro Byayo, na buri kantu kose." Ariko nta na gito bazi ku Mana. Murabona? Ni nde ufite umugambi? Ni ufite Umwana. Umufite, We, Umuntu, ni we ufite Ubugingo.

Nikodemu yari azi ko Yesu azi iby'Ubugingo, ariko Nikodemu ntiyari azi ko Yesu ari We Bugingo Buhoraho. Ni cyo Umuntu yavugishaga yari cyo, Intumwa, Umucyo w'igihe, Umucyo w'isi: "Umucyo uvira mu mwijima, ariko umwijima ntiwawakira. Yatumwe ku Be ariko Abe ntibamwakira." Kuki? Kuko bari bamaze kuba idini, bahugiye mukoza inkono n'amasahane, mu mihango, ku buryo batashoboye kubona Ijambo ryambaye umubiri.

44 Ibyo byongeye kuba. Amateka akunze kwisubiramo. Yego, bari bazi ko Azi iby'Ubugingo, ariko Nikodemu ntiyarazi ko ari We Bugingo. Na n'ubu ni ko bimeze. Abantu benshi bagerageza kugira Yesu umwigisha ukomeye; bagera n'aho bavuga ko Yari umuhanuzi. Ariko iyo ugerageje kuvuga ko Ari Imana, bashaka kukwirenza. Murabona? Ariko Yari Imana, ni Imana kandi Azahora ari Imana. Ni ukuri.

Mwitegereze, ntiyabwiye Nikodemu, ubwo yazaga kumureba, ati: "Mu by'ukuri, Nikodemu, ndakwemera cyane, byonyine kuba uri umwigisha wa Isirayeli. Umva, urashaka Ubugingo Buhoraho, wari ukwiye kubanza ukaminuza amashuri yawe. Uracyarya amagambo" (ntibyumvikana), "cyangwa shaka ukuntu wazamurwa mu ntera mu idini ryawe kugira ngo ubone Ubugingo Buhoraho."

Ni byo abantu benshi bagerageza gukora ubu (Yego, yego), umwanya wisumbuye; yifuza guta umwanya we w'ubushumba kugira ngo abe umukuru w'abashumba bo mu karere kose, cyangwa umukuru w'abashumba bo mu ntara yose. Ibyo, ntaho bihuriye n'Imana.

45 Mwitegereze icyo Yesu yakoze imbere y'uriya muntu. Yamucyahiye kuba atazi igihe agezemo: "Ushaka kumbwira ko wowe umwigisha wa Isirayeli, utumva ibi bintu?", ubwo yavugaga ko umuntu agomba kuvuka bushyashya. "Yavuze ati: Urashaka kuvuga ko, umusaza nkanjye, nasubira mu nda ya mama?"

Amubwira ati: "Uri umushumba mukuru mu ntara, umukaridinali, umushumba mukuru mu karere", cyangwa uwo ari we wese. "Wowe umuntu ukomeye mu idini, ntuzi Ibyanditswe."

"Iyo mumenya Mose, na njye muba mwaramenye, kuko ari Jye yavugaga." Murabona? Ariko, ntibyari umuco wabo, idini ryabo, byari bitandukanye. Kandi Mose yamuvuzeho koko, ariko ntibabimenye. Kubera iki? Bari batsimbaraye ku muco ku buryo batabimenye.

46 Namwe, bene Data musoma, mwakira aya mabande, mwibihagarika. Tubwizanye ukuri. Ndabakunda; muri abashumba. Singamije kuba bamenya. Niba ariko mumbona, mwakire iyi bande hanyuma munsengere. Gusa, ngerageza kabazanira icy'ukuri. Ntikibacike.

Mu by'ukuri, nubahiriza gahunda yashyizweho n'abantu n'ibindi; ariko iyo mushyizeho ayo madini… Mwitegereze Abafarisayo, ntacyo bashakaga guhuriraho n'Abasadukayo, kuko Abasadukayo ntibemeraga haba abamalayika, haba imyuka, haba umuzuko, haba icyo ari cyo cyose, ariko abafarisayo bo bemeraga ibyo byose, bikabateranya, bagahora mu ntambara z'urudaca. Muri iki gihe, abiyitirira Imana imwe bizera ikintu kimwe; abiyitirira imana eshatu bakizera ikindi, abametodisite ikindi, abaperesibiteriyani ikindi, maze bagashyiraho inzitiro. Havamo iki? Amacakubiri y'abavandimwe. Mu by'ukuri, tugiye kubona mu kanya imirongo ya Bibiliya, ibyo ari byo, n'icyo Imana ibivugaho.

47 Ntiyigeze amusaba kwitunganya. Gusa, yamushinje kutamenya icy'ingenzi. "Ukaba umwigisha wa Isirayeli utazi ibyo! Niba utumva igihe nkubwira ibintu byoroheje byo mu isi…" Mubitekerezeho. "Umwigisha, urwego rw'ikirenga mu idini orutodogisi, umukuru w'abashumba b'intara, umukaridinali hanyuma ukananirwa kumva ibintu byoroheje bisanzwe ndiho nkubwira, uzumva ute iby'umwuka bivuye mu Ijuru?"

Ariko injiji y'umurobyi, Petero utari uzi no kwandika izina rye, yarabyumvise. Murabona? Hanyuma agirwa umukuru w'Itorero ry'i Yerusalemu. Murabona? Yoo! "Abo Data yampaye bose bazansanga"? Murabona? Bo barabyumva. Bo barabyizera. Ni byo bafatiyeho. Bazi ko ari ntakizabazitira.

48 Ni kimwe n'abahinzi borozi… Ntibikwiye ko tugira urwenya, ariko ni ugutanga urugero. Havugwa ko umworozi yari afite inkoko irarira, ariko akaba atari afite amagi ahagije, ashyira igi ry'imbata mu magi ya ya nkoko. Umushwi w'imbata umaze kuvuka, ni wo mushwi udasobanutse wigeze kubaho. Waru ikinwa kirekire, igenda ibwatabwata ivuga kwe kwe aho kujwigira nk'imishwi, kandi imishwi yose yatoraga mu rudandi rw'inkoko. Kandi ntibyari neza na neza ifunguro ryayo. Umunsi umwe ya nkoko yawujyanye inyuma y'urugo kujya gufata inzige, kandi kuri ako gasozi hari ikiyaga. Kandi umuyaga wahuhaga uturutse ku kiyaga hanyuma wa mushwi w'imbata uhumurirwa na mazi. Ni yo kamere yayo. Ya nkoko igerageza kugarura wa mushwi iti: "kot, kot, kot, kot, garuka."

Yagize iti: "Kwe kwe kwe", iboneza ku mazi. Kubera iki? Yari imbata uhereye mu ntangiriro. Uko inkoko yahamagaraga kose, yo yari imbata.

49 Ni kimwe n'umuntu watoranirijwe Ubugingo Buhoraho. Iyo abonye Umucyo w'Imana, ntamadini ahagije mu isi yo kubimusubizamo ikoresheje imihamagarire nk'iy'inkoko. Ashwi. Kubera iki? Ni yo kamere yayo. Byashoboka ko yaba yari atunzwe na bimwe n'iby'abandi, akarya imyanda yabo no kurara mu tubyiniro, ariko akageza ubwo abona ikintu kimwe kinyuranye amenya. "Intama Zanjye zimenya ijwi Ryanjye, ni ko Yesu yavuze, ntizizakurikira umunyamahanga." Byashoboka ko zikurikira uwo zitazi, ariko imbere muri zo harimo ikinyuranye. Bapfa kumva Ukuri rimwe gusa, hanyuma uzabitegereze. "Abo Data yampaye bose bazaza."

50 Yego, Yamushinje ubujiji bwe ati: "Ukaba umwigisha wa Isirayeli utazi ibi? Ugomba kuvuka ubwa kabiri."

Mu by'ukuri, umuntu wa kamere, hari icyo nashakaga ko mubona hano: "Ugomba kuvuka ubwa kabiri." Mu by'ukuri, ubuzima bwa kamere, niba dukeneye ubuzima bwa kamere kugira ngo dukorere muri ubu buzima, tugomba kuvuka mu buryo bw'umubiri. Ntabwo bagukuye ahantu hamwe mu giti gusa, murabona, ngo bagushyire aho mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Barabigerageje, ariko ntibyashoboka. Hagomba kubaho kuvuka nyakuri, ukuvuka gusanzwe, kugira ngo ubeho, ushobore gukoresha ibyumviro bitanu, kugenda, kuvuga, kubona, gusogongera, guhumurirwa, kumva, n'ibindi. Kuko uri umuntu, kandi ugengwa n'ibyo bintu byose, kuko bigize ubuzima bwa kamere.

51 Kandi mu kuvuka dutyo, hari ubwo tuba abanyabwenge ba cyane, bijyanye n'ubwenge bw'isi, cyangwa iby'isi, tukaba abaperezida, n'intiti zikomeye, n'abakanishi b'ibyatwa, abashakashatsi n'ibindi. Kandi duhora tuzi, uhereye mu ntangiriro ko ari abana ba Kayini bari bafite ubwo bwenge, si aba Seti; aba Seti bari abashumba basanzwe. Kandi abana ba Seti basaga n'Imana. Ariko abana ba Kayini bahoraga bazi ubwenge, bari ukwabo, abashakashatsi, abaganga n'abantu bakomeye. Ni ukuri. Bibiliya irabivuga, murabizi, Irabyigisha, kandi bari abanyedini bya cyane, ariko baje kurimbuka ku iherezo. Tumenyeshwa ubwenge no kujya mu ishuri, mu kwiga n'ibindi, tuba abanyabwenge ba cyane, bashoboye, kandi dushobora gukora ibintu, kuvuga ibintu, hakaba n'ubwo tuvuga tudasobwa, tukabirusha abuzuye Mwuka. Yesu, si We wivugiye ati: "Abana b'isi barusha ubwenge abana b'Ubwami"? Ntagushidikanya, kuko bo, binyuze mu bwenge bwabo, bashobora kuvuga, bakagira ubwenge burenze, bakabasha kuvuga birenze, maze bagafata Ibyanditswe Byera hanyuma bakabicurika kugira ngo babivugishe icyo bitavuga.

52 "Yoo, ntibishaka kuvuga ibyo neza na neza." Niba umuntu avuze ibyo, ujye umugendera kure. Urabona, Imana irinda Ijambo Ryayo, urabizi, ko ari ko Bibiliya ivuga. Yanditswe neza na neza uko Yakagombye. Urabona? Mu by'ukuri, bigaragazwa mu buryo abize babitsitaraho. Biroroshye; ni yo mpamvu babitsitaraho. Urabona? Ni byiza cyane.

Ubwo bumenyi bwose n'ibyo bashobora kurundanya byose, nyamara, bituruka… Uko kuvuka ni uko mu isi, ni ukw'isi. Ni ukw'iyi si, guhabanye na Mwuka w'Imana. Kuvuka bwa mbere kuduha ubu buzima, kutugira abantu bapfa, kubera igikorwa kitari icyera cyo mu ngobyi [ya Edeni] cyatumye umuntu abyarwa n'umugore. Kandi umuntu ubyarwa n'umugore, ubuzima bwe ni bugufi, ariko umuntu ubyawe na Kirisito ni uw'iteka. Yobu yavuze ati: "Umuntu ubyarwa n'umugore, arama igihe gito, kandi agahora ateraganwa." Mwitegereze, ariko umuntu wabyawe na Kirisito, agomba kubyarwa n'Ijuru. Mu by'ukuri, ariko umuntu wabyawe n'isi, aba umushakashatsi kandi ashobora kuba indashyikirwa mu bumenyi.

53 Nimurebe ukuntu Satani yari inyaryenge, yashutse buri mutambyi waje ku isi. Ntagushidikanya. Yarashutse… kandi aracyabikomeje. Yego, yarabikoze bidashidikanywaho. Yari inyabwenge, ariko igihe kimwe, yahangaye Umwami Yesu, maze Yesu aramutsinda. Tukaba icyo tugomba gukora, ari ukumugira ibyiringiro gusa; Yamaze kumutsinda. Murabona?

Ariko ibyo bituruka hasi, ubwo bumenyi abantu barundanya ngo berekane ibyo bintu byose. Kuki umuntu yakagombye gukora kirya kintu, cyangwa kiriya kindi? Birahabamye kandi ni ubwanzi bw'Imana (igitekerezo cya kamere). Ibyanditswe birabivuga. Ni ukuri. Uko abantu baba abanyabwenge bate, bashobora kubigoreka. Nifuza kubona uwanyereka aho Imana yigeze itegeka gushinga idini, niba atari ukuriciraho iteka hano muri Bibiliya. Uko abantu bashobora kugerageza kuba abanyabwenge, birahabanye. Uko ubumenyi bwahagarara neza kose, bukakwemeza, bukagucisha bugufi, bubikubwira, uko biri kose bihabanye n'Ibyanditswe.

54 Hari uwambwiye ati: "Mwene Data Branham, hari icyo ngushinja." Avuga ati: "Uri umu-Yesu wenyine." Mvuga nti: "Sindi we. Nta dini na rimwe mbarizwamo." Umukuru mu idini wo mu Ntara imwe, yigeze kumbwira ati: "Bambwiye ko wahoze uri umu-Yesu wenyine, Mwene Data Branham." Mvuga nti: "Birahabanye. Ni ikinyoma."

Avuga ati: "Bambwiye ko imyizerere yawe yemera ko umuntu afite umudendezo mu rushako, ko abagabo bakagombye guta abagore babo maze bagashaka…" Mu by'ukuri, murabona, ni ibinyoma bya Satani gusa. Murabizi.

Mvuga nti: "Nzira ibyo bintu bihabanye n'Ibyanditswe. Nizerera mu kwera no mu gutungana. Nizera ko umugabo abohewe ku mugore we igihe cyose azaba akiriho." Ntiwakagombye kumushaka utarabanje kubisengera.

55 Kandi itsinda rya "Yesu wenyine", ntacyo mpfa na bo, kuri njye, mbafata kimwe n'andi madini yose. Ariko ntibababatiza uko bikwiye; babatirizwa kuvuka bwa kabiri. Jyewe, nizera ko tubyarwa ubwa kabiri na Mwuka Wera, atari amazi. Nkoresha Izina rya Yesu Kirisito mu mubatizo, kuko ari Ryo ryakoreshejwe muri bibiliya, kandi akaba ari nta na hamwe muri Bibiliya bigeze babatiza mu izina rya Data, n'Umwana n'Umwuka Wera. Ndashaka ko hagira umuntu umwe gusa uza akanyereka nibura umurongo umwe ahari umuntu wigeze kubatizwa mu izina rya Data n'Umwana n'Umwuka Wera. Niba bitari muri Bibiliya, bijugunye. Muzavuga muti: "Ntacyo bihindura."

Hari icyo byahinduriraga Pawulo. Yategetse abantu kubatizwa mu Izina rya Yesu Kirisito kugira ngo babone guhabwa Mwuka Wera. Maze Pawulo avuga ati: "Kabone n'iyo malayika yamanuka avuye mu Ijuru, akababwiriza ibihabanye n'ibyo nababwirije, avumwe! (Abagalatiya 1: 8)"

Murabona, ni umuhango.

56 Vuba aha, navuganaga n'umuntu ukomeye. Avuga ati: "Mwene Data Branham, ntabyo nshoboye. Nzi ko bitunganye, ni ko yavuze, ariko se nabikoraho iki?" Mvuga nti: "Byumvire." Avuga ati: "Mu by'ukuri, mfite icyubahiro mu bizera bacu."

Mvuga nti: "Ndashaka icyubahiro ku Mana; umvira rero Ijambo Ryayo. Ugomba kugira amahitamo yawe, ushaka gukorera Imana cyangwa umuntu?"

Ariko bo, bashinga idini ryabo, bagashinga amahame yabo badateshukaho na gato. Ni mu idini gatolika rya Roma byakoreshejwe bwa mbere. Ni ukuri. Ndashaka ko hagira umpinyuza. Nanjye nasomye amateka, murabizi. Nimwibuke rero, ni umubatizo gatolika, kandi uwawubatijwemo wese, yinjizwa n'uwo mubatizo mu muryango gatolika. Ndaza kubibereka mbere y'uko dutaha, Uwiteka nabishaka. Yego, yego. Ni ukuri. Ni yo mpamvu mugomba kugaruka.

Simbarizwa muri ba "Yesu wenyine"… Mu by'ukuri, hari abantu benshi kandi beza mu idini "Yesu wenyine", hari abantu benshi kandi beza mu idini ry'Amateraniro y'Imana, mu idini ry'Imana, mu Bametodisite, mu Babatisite, mu Baperesibiteriyani no mu Bagatolika. Ariko nta n'umwe uri Itorero, nta n'umwe. Harimo abantu bagize idini. Ariko, si idini ryabo ribagira Itorero, nk'uko abantu bashaka kubikora. Si byo. Mu kanya gato, tugiye kubaha icyo Ibyanditswe bibivugaho.

57 Yego, kugira ngo ube ku isi, ugomba kubanza ukabyarwa n'umugore. Kandi iyi mivukire iduha ubumenyi nk'uko nabivuze. Murabona? Kandi tukaba abahanga, ubuhanga bwacu bubitugezaho. Ariko mwibuke ko iyi mivukire, uhereye no munkomoko yayo, ni iy'isi, ikaba ihabanye n'Ijambo ry'Imana, ni ubupfu mu maso y'Imana no ku mugambi Wayo, ntirizwi mu mugambi w'Imana. Iyo bitaba ibyo, Nikodemu yajyaga kurusha Yesu kubimenya. Murabona? "Uri umwigisha wa Isirayeli?" Murabona? Mwaba mubona aho amadini yanyu agana; aho abahanga banyu bagana, bishyira hamwe, bakanoza imigambi yabo kandi bakayishyira mu bikorwa?

58 Munyemerere mbabwire ibi: Igihe cyose Imana yohereje Umucyo ku isi, ku Cyanditswe runaka, barakiyoboka. Ariko, iyo uwo muntu atakiriho, babihindura idini. Kandi iyo bamaze gushinga idini, nifuza kubaza icyo kibazo umunyamateka uwo ari we wese waba ari hano, cyangwa waba wumva bande, ngo aze abinyereke. Igihe cyose umuntu yashyiraga inzego mu itorero, ryahitaga ripfa kandi ntiryongere kubyuka. Bihabanye n'Imana. Bihabanye n'Ibyanditswe. Ni yo mpamvu ntemeranya na byo, ntemeranya n'ibyo Imana itemeranya na byo byose. Niba Imana iri muri njye, sinshobora kwemeranya n'ibyo Imana itemeranya na byo. Umwanzi We ni umwanzi wa njye. Itorero Rye ni Itorero rya njye; Ubuzima Bwe ni ubuzima bwa njye. Yatanze Ubuzima Bwe; Yahindutse njye kugira ngo ku bw'Ubuntu Bwe, mpinduke nka We. Murabona? Twahinduye umwanya. Yabaye umunyabyaha nka njye kandi Yarampfiriye, kugira ngo mbe umwana w'Imana nk'uko We, Yari we.

59 None se, murabona aho amadini yanyu ageze (ntituratangira) bafite ubumenyi bw'iyi si, bapfuye ku bw'umugambi w'Imana. Rero, dusubiza amaso inyuma, tube duhagarikiye aha akanya gato.

Adamu yarwanije umugambi w'Imana, kuko yigometse kw'Ijambo. Yagerageje kwidodera ubucocera, idini. Ibyo ntacyo byamugejejeho, nta n'uwo biteze kuzagira icyo bigezaho, icyo umuntu yagerageza gukora cyose. Nimurodi yari yarayobye. Kōra yararimbutse. Bashakaga gukora iki? Gukora idini.

Kandi nyuma y'ibyo, nyuma y'aho bamariye kuba idini, Yesu yasanze barapfuye. Avuga ati: "Mufite amaso ariko ntimubona. Mufite amatwi ariko ntimwumva." Murabona? Avuga ati: "Muri impumyi zirandase izindi. Kandi iyo impumyi irandase indi, ntizigwa zombi mu rwobo?" Avuga ati: "Ukaba umwigisha wa Isirayeli ntumenye icyo kuvuka bwa kabiri ari cyo?" Iyo uba waritandukanije n'iyo mihango, maze ugakomera kw'Ijambo, wajyaga kumenya ko nazanywe no guha abantu ukuvuka bwa kabiri. Wajyaga kumenya igihe Cyanjye; iyo ujya kumenya Mose, uba waramenye. Ni jye Mose yavugaga, kandi yavuze

ko najyaga kuza, none Ndi hano. Kandi niba ntakora ibyo Mose n'abahanuzi bavuze ko najyaga gukora, ntimukanyizere. Niba ntakora imirimo y'Imana, noneho ntimukanyizere. Ariko niba mutanyizera kuko Ndi Umuntu, kandi niba mudashobora kunyizera kuko Ndi Umuntu, kandi Nkora imirimo y'Imana, mwizere imirimo, kuko ihamya ibyo Nkora.‟ Murabona?

60 Ariko rero, Yesu abayeho muri iki gihe, Amateraniro y'Imana yari kugira uwabo, Abanyabumwe na bo bari kugira uwabo, na buri wese yari kugira Yesu we. Bidashikanywa, amadini yabo yagombaga kugira uwabo. Murabona? Badateye intambwe, bivuze ko ntawe bafite. Tandukanya bene Data…

Nibutse umwana witwa Petit David. Ubu ni umugabo wubatse, ndumva afite urugo. Ndibuka amatangira ye. Nari nagiye Saint Louis. Nari narumvise bavuga abana b'ababwirizabutumwa bajyaga ku Gicaniro bakavuga bati: “Yesu, uruhinja rwavukiye mu muvure. Mama, harya ibikurira ni ibihe?” Ariko Petit David we ntibari uko. Yakuragamo ikote, agafata Ibyanditswe akabwiriza. Ariko se yari muntu ki? Yabarizwaga muri ba 'Yesu wenyine'. Se, bwana Walker yari uwo muri ba 'Yesu wenyine'. Abandi na bo biba ngombwa ko bishakira Petit David. Igihe kimwe, ubwo uwo mwana yari afite urwunge rw'ibiterane muri Florida, antumaho ngo nze mufashe. Mwene Data Moore na njye, twasomye impapuro ebyiri za mbere z'ikinyamakuru zavugaga ba Petit David gusa; buri dini ryari rifite Petit David waryo. Yoo, biteye agahinda! Mu by'ukuri, iyo itsinda ry'abakuru b'idini riza kumenya impano yari muri uwo mwana, uyu mwana, aba yarinjije ibihumbi by'abantu mu Bwami bw'Imana, ku buryo aba yaribagiwe imihango ye ku bantu no ku bintu bisa na byo. Murabona? Imana yari yarashyize impano muri we kandi Yarayikoreshaga.

61 Ubwo gukira kwa kimana kwagaragazwaga bwa mbere buri muntu yari afite igicuro mu kiganza, maze akabasha kumva indwara. Yoo! La la! Kuki? Bagombaga kubikora; idini ryabo ryari irya nyuma mu isiganwa. Murabona, mwateye amadini yanyu kuza imbere y'umugambi w'Imana; ni cyo mutekereza. Ariko Imana iteza imbere Itorero Ryayo, Umubiri wo mu ibanga, uko biri kose. Ntawe uwisunga; tuwuvukiramo.

Abanyabwenge ushingiye ku bwenge bw'isi, ariko bapfuye ushingiye ku mugambi w'Imana… Nimumbwire rero. Mushobora kubabwira kandi mukamwerekera mu Ijambo ry'Imana no mu isezerano ko bayobye, kandi nyamara bakanga kubona icyo Kintu. Nshobora kwicara, ngafata Ijambo maze nkabereka ko idini ari ikintu kibi. Nshobora kubereka ko amahame mufite ubu ari ikinyoma, murabona, ayo mahame y'idini. Nibabereka ko ari ikinyoma, bazavuga bati: “Mu by'ukuri, batwigishije ibi.” Murabona? Ku bwanjye, niba muzi icyo mvuga, ni imashiro ry'ibisasu. Yego, ni ukuri. Ntibashobora kubona. Yesu yavuze ati: “Ntimubona, hato mutaza aho Ndi maze Nkabaha Ubugingo.”

62 Habayeho Nikodemu, umunyacyubahiro, umuntu ukomeye, musenyeri w'idini rye, umuntu w'ikirangirire, ukunzwe na bose, wagendereye Yesu kandi nta n'uwo yarushaga kumenya iby'Ubugingo. Ntacyo yari abuziho mu by'ukuri, ubwo Yesu yamucyahaga kubera ibyo; nibura ashimirwa kuba yaraje. Abandi nta n'ubwo bashakaga kuza. Bahagararanye kure n'abatambyi bakuru, hamwe na ba musenyeri runaka na runaka. Murabona? Bahagararanye kure na bo, bahitamo gufata amahame y'abakuru babo babirutisha kumva Ijambo ry'Imana.

63 Mu by'ukuri, mushobora kubibabwira; ntibazashaka kubitega amatwi. Mushobora neza na neza… Mushobora kwibaza… Nifuzaga kubabaza ikibazo kimwe. Sinshaka kuba igitutsi. Mu by'ukuri, bene Data mwumva bande, sinshaka kuba igitutsi kuri byo. Mutekereze ko nje hano, maze igisiga gihagaze ku giti kikambaza kiti: “Mugenda mute? Nanjye mfite ubuzima; ndi igisiga ndi ku giti”? Gishobora kwerekana ko gifite ubuzima, ariko si bwo buryo bwiza. Niba gishaka kugendagenda, uburyo bwacyo rukumbi bwo kugenda, kubona, gusogongera, gukorakora, guhumurirwa, no kumva, iyo aba cyashoboraga kuvuga, kubimbwira no kubaza kiriya kibazo, uburyo bumwe rukumbi, cyakagombye kuvuka mu buryo bumwe na njye. Amen. Nta bundi buryo cyazabisobanukirwamo. Ariko kiramutse kivutse mu buryo bumwe na njye, icyo gihe cyamenya ibintu bimwe na njye. Amen. Yoo! Ntagushidikanya. Ntushobora kubwira igisiga kiri mu giti, ukuntu tugenda ku butaka, bisaba kuba giteye kimwe na twe, kugira ngo kibashe kubyumva. Ni cyo kimwe no mu byo mu mwuka. Ni cyo kimwe no mu byo mu mwuka, na ho ubundi, ntushobora kubyumva. Nta cyo byamara gushaka kubyiyumvisha; banza umusange. Kuko 'niba umuntu atavutse bundi bushya, ntashobora kubona Ubwami bw'Imana,' ibyo bisobanuye 'kubyumva'. Ugomba kuvuka bundi bushya kugira ngo umenye Ibyo.

64 Mu by'ukuri, wavuga uti: “Navutse bundi bushya”. Hanyuma ugahakana Ijambo? Wavutse ute? Ubuzima bwawe burabigaragaza, itsinda ubamo rirabigaragaza, ibisa birasabirana… Murabona? Mutegereze turi bubivugeho mu kanya. Murabona?

Ibyo bizanwa na Mwuka. Wabwira abantu ute ibya Mwuka? Ugomba kuvuka mu Mwuka kugira ngo wumve ibya Mwuka. Yesu yavuze ati: “umuyaga uhuha aho ushaka, ntumenya aho uvuye n'aho ugana.” Murabona? Ni ko bimerera uwabyawe na Mwuka wese. Ntibashobora kubibabwira. Umuntu wabyawe na Mwuka wese, ntaha agaciro ibitekerezo bye; areka Imana ikamutekerereza.

65 Mutekereza ko nshobora guhagarara hano ku gicaniro, ngatekereza ikintu maze nkabwira umuntu hariya inyuma ko yitwa John Doux, ko aturuka aha n'aha; ko yakoze ikintu runaka. Kandi yarongoye undi mugore hariya, hakaba hashize imyaka makumyabiri, akaba afitanye abana n'uwo mugore, ko agomba

gusana icyo kintu maze agakora na kiriya kintu kindi? Mutekereza ko nshobora kugira ibitekerezo nk'ibyo? Ubwenge nk'ubwo ntibuzanwa n'uku kuvuka kwa kamere, ku bw'ibyo. Ni hirya y'ibyo. Ibyo bigomba kuva Hejuru. Rero, iyo ubyawe na Mwuka wo Hejuru, Ubugingo bwari muri We bwakoraga ibyo bintu, bwavugaga buti: "Imirimo Nkora, muzayikora na mwe"…

66 Ukuvuka kwanyu kugomba guhinduka. Mwarayobejwe. Mushobora kuba mwaravuze mu ndimi. Mushobora kuba mwarasimbaguritse. Mushobora kuba mwarashakuje; mushobora kuba mwarakoze ibyo byose cyangwa ibindi, Mushobora kuba mwarabaye abayoboke beza. Na Nikodemu ni ko yari ameze, murabona, ariko uko kuvuka yari yarakubuze. Kandi iyo muhakanye Ijambo, mugerageza kurihererereza ku kindi gihe, murigira icyo mwishakiye, muricamo ibice mutyo; Yesu yavuze rero ati: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera. Nimugende mu isi yose maze mubwirize Inkuru Nziza ibyaremwe byose." Igihe cyose Inkuru Nziza izabwirizwa, ibi bitangaza bizakurikira. Nimunyereke umurongo umwe aho Yakuye ibi mu Itorero. Nimunyereke Icyanditswe aho Yaba yarigeze kuvuga ati: "Kugeza igihe runaka." Yavuze ati: "Mu isi yose kandi ku byaremwe byose."

67 Yego, mukwiye kwakira uburyo bw'Ubugingo Yari afite, kugira ngo mubeho nka We. Kandi iyo mubonye ubuzima Bwe, ni bwo mumenya Ijambo Rye. Ni ukuri. "Igihe We", ngenga, atari igitekerezo, atari ukwiyumvayumva, ariko "igihe We, Mwuka Wera, azazira, Azafata ibyo Nababwiye maze Abibahishurire, kandi Azababwira n'ibigiye kuba." Uko ni ko kuvuka. Uko ni ko guhamya ko ari Ijambo. Kandi iyo umuntu avuze ko afite Mwuka Wera, maze agahakana Ijambo ry'Imana, hanyuma akaryitirira ikindi gihe, Mwuka Wera yashobora ate guhakana Ijambo Rye bwite? Mu by'ukuri, nimunyereke idini mu Ijambo. Turi kumwe! Murabona? Ni byiza cyane.

68 Nimutekereze rwiyemezamirimo… Mu by'ukuri, nimurebe ukuntu itorero ryacu riri inyuma. Nimutekereze rwiyemezamirimo watangije umushinga hano… ni umushinga by'ukuri utera imbere, kandi agomba byihuse gushaka abakozi, maze akajya kureba itsinda ry'abantu bapfuye, intumbi, hanyuma akababwira ati: "Mwaba mushaka akazi, nkakabaha?" Ntacyo bamumarira.

Ni yo mpamvu idini ridateze kuzabyuka. Murabona? Itsinda ry'abatizera bapfuye bishyira hamwe nka Nimurodi, Kora, nk'abandi uko ibisekuru byagiye biha ibindi. Bishoboka bite… Ntiyigeze akoresha ibyo. Ntiyigeze akoresha idini. ntiyabikora. Ntabwo riri mu bushake bw'Imana.

69 Washobora ute gusanga umuntu utanyeganyega, umutwe, amaboko n'amaguru byararemaye, ukamusaba gusiganwa nawe mwiruka n'amaguru, ngo mwiruke n'amaguru mwihanganye mu muhanda w'amabuye… murabona? Uwo muntu yabishobora ate kandi adashobora kunyeganyega, aremaye? Ugomba kubanza kumukiza uburema, akaba ari bwo azashobora kwiruka.

Ni cyo idini rikeneye, ugukiza indwara kwa kimana. Yoo! la la! Niringiye ko ntagaragara nk'umuneguranyi. Murabona? Ni yo mpamvu Mwuka Wera adashobora gukoresha idini.

70 Mwibuke, nemera ko Maritini Luteri yari afite Mwuka Wera. Ntagushidikanya. Byashoboka ko atari afite umugabane umwe n'uw'ubu, kuko Uyu wari utaratangwa. Twarabibonye, urebye abantu bo mu rusengero, ku ishusho. Ariko yizeraga Imana by'ukuri: "Kandi uwizera afite Ubugingo Buhoraho." Sinari narigeze ntekereza ko hari uwakwizera ibyo nkanjye kugeza iki gitondo, numvise Charles Fuller ubwo namanukaga. Na we yizera ko kuvuka ubwa kabiri atari umubatizo wa Mwuka Wera. Kuvuka ubwa kabiri, ni ukuvuka nyine. Mwuka wera, ni umubatizo. Murabona? Yego yego. Ni byiza cyane.

71 Mu by'ukuri, twizera ko uyu muntu agomba kuvuka ubwa kabiri kugira ngo abe umuntu muzima. Ni byiza cyane. Iyo wabyawe n'umubiri, ugira ubwenge bw'isi. Kandi ubwenge bw'isi bwumvira umwigisha wabwo wa kamere. Ni ukuri. Neza na neza ni yo mpamvu umuntu utaravutse bwa kabiri, iyo mumubwiye Ijambo ry'Imana, azumvira musenyeri we, padiri we, cyangwa idini rye aho kumvira Ijambo ry'Ubugingo. Kubera iki? Nta kindi azi kitari icyo: "Mu by'ukuri, murabizi, igihe kimwe nshobora kuzaba umupadiri." Mu by'ukuri, Nikodemu yari umwigisha. Yari arenze kuba padiri, yari arenze kuba pasitori; byari birenze, yari umwigisha wa Isirayeli. Murabona? Yego, kandi yari umuntu ukomeye; ni umwe mu bari bagize iryo tsinda kandi ari ntacyo yari azi ku Mana na busa. Murabona? Ibyo yari azi gusa, byari amateka.

72 Imana y'amateka, yakumarira iki niba Itakiri ya Mana ubu? Imana ya Mose yakumarira iki niba Itakiri ya Mana ubu? Imana yashoboye gukiza umuntu ku musaraba, ariko ntishobore gukiza uri mu bibazo bimwe ubu imaze iki? Nk'uko nakomeje kubivuga nti: "Bimaze iki guha canari yawe impeke nziza n'amavitamini meza kugira ngo igire amababa akomeye kandi meza hanyuma ukayikingirana?" Simbyumva. Kugerageza kubwira umuntu Imana ikomeye n'ibindi, maze ukayishyira mu idini ritanemera ikintu nk'icyo. Murabona? Ntaho bihuriye. Ni yo mpamvu bitagize icyo bigeraho; yarapfuye. Ntushobora gukoresha ibyo. Imana ntiyigeze Ikoresha ibyo.

Mubitekerezeho, nta na rimwe Mwuka Wera yigeze akoresha idini, nta na hamwe mu Byanditswe, habe no mu mateka. Niba hari uteze amatwi iyi bande, cyangwa uri hano washobora kunyereka aho Mwuka Wera yafashe idini ngo arikoreshe ku isi, naze abimbwire. Nifuzaga ko munyereka igitabo cy'amateka ibyo byakuwemo. Muzi ko ibyo bitari mu Byanditswe, nifuza rero ko munyereka igitabo

cy'amateka ibyo byakuwemo. Imana ntiyigeze ikoresha ibintu nk'ibyo. Ihora ikoresha umuntu.

73 Ni byiza cyane. Kubyarwa na Mwuka… Mu by'ukuri, kubyarwa n'umubiri hanyuma ukagira ubwenge bw'isi, ubwo bwenge bwumvira umwigisha wa kamere. Kubyarwa na Mwuka, ni ukwizera ukanumvira inyigisho za Bibiliya zazanywe na Mwuka Wera. Kandi umuntu wabyawe na Mwuka azumvira Ijambo azumvira Ijambo ry'Imana atitaye ku cyo umuhango uwo ari wo wose umubwira. Ibyo ni byo. Wavutse ubwa kabiri. Ni yo mpamvu, murabona, kuba umunyedini, ugashyira ibyiringiro byawe byose muri iryo…

Mu by'ukuri, simvuze rero ko abantu bari mu madini bose batavutse ubwa kabiri. Ngiye kubigarukaho mu kanya, Uwiteka nabishaka. Sinshidikanya ko bavutse ubwa kabiri. Ariko ni gatozi, umuntu ku giti cye, si abagize urusengero bose muri rusange bavutse ubwa kabiri; umuntu ku giti cye mu bagize urusengero, ni we wavutse ubwa kabiri. Ariko idini ribigiza kure y'Imana gusa; nta kindi rikora usibye kubatandukanya. Ni byiza cyane. Atitaye ku mubiri, idini ryigisha umubiri, bihora bihabanye n'ubushake bw'Imana.

74 Kuvuka bwa kabiri bisobanura kubyarwa no hejuru, "bwa kabiri" bisobanura "no hejuru." Nizeye ko mubizi. Murabona? Kuvuka ubwa kabiri bisobanura kubyarwa no hejuru. Mu by'ukuri, muzabona, kandi niba mushaka, mushobora kubyiga mu nkoranyamagambo. Murabona, ibyo bisobanura "kubyarwa no hejuru." Mu by'ukuri, mwari mwaravukiye hano, noneho kugira ngo muvuke ubwa kabiri, mugomba kubyarwa no hejuru. Rero buriya Bwami busumba kure ubu bwami, buruta kure ubungubu, ku buryo ubu bwami buboneka nk'ubupfu mu maso ya Buriya kandi na Buriya bukaboneka nk'ubupfu mu maso y'ubu.

75 Nk'uko nakunze kubivuga, nta gihe kirekire gishize umugore wanjye uri hano nanjye twajyanye guhaha ibirungo, hashize amezi make, tukaba twarabonye umugore wambaye ijipo. Akaba ari cyo kintu gihebuje ibindi mu gutangaza nabonye uhereye kera.

Mu by'ukuri, iki gitondo, simvugiye ibi kuba igitutsi; numvaga ikiganiro cya rimwe mu madini akomeye. Jye n'umukobwa wanjye, twumvaga radiyo ubwo twajyaga mu muhango wo kwegurira Imana urusengero. Baririmbaga indirimbo, ikintu kimwe cyangwa ikindi, ku birebana na runaka, imwe muri izo ndirimbo za kera (classiques) zimbera nk'igihe abagore bamira umwuka kugeza ubwo mu maso hasa n'ubururu, hanyuma abantu bagatekereza ko uko ari ko kuririmba. Ni ugusakuza. Nkunda ya ndirimbo ya kera ya Pantekote, iva mu mutima. Ushobora kuba udakurikiza amanota, nyamara ukaba uririmba, ugasakuriza Uwiteka n'ibyishimo. Ntekereza ko ari ibinyamwuka. Ndabikunda. Ariko kumira umwuka kugeza ubwo mu maso hahinduka ubururu, n'ijwi rikabura, maze rikagaruka, nta n'ubwo nawe uba uzi ibyo uririmba, watekereza ute ko hari undi wabimenya? Ni ibyo. Yesu yavuze ati: "Twebwe tuvuga ibyo tuzi." Ni ukuri. Ni ukuri. Icyo twakagombye gukora, ni ukuririmba icyo tuzi mu mutima wacu, icyo twiyumvamo. Maze barangije, umukobwa wanjye wize muzika, ambwira ati: "Mwene Data, yari 'classique' nyakuri."

76 Mvuga nti: "Yego, ariko uzi umubare w'abasohora umwuka w'itabi mu bagize iriya korali y'abantu bakababakaba mirongo itanu? Waba uzi umubare, mu bagize iriya korali, w'abataraye basomye ku karahure ka gicuti, nk'uko ejo hari ku wa gatandatu? Abagore bari bogoshe umusatsi ni bangahe? Ni abagore bangahe bari bisize amarange, nk'uko pasitori w'itorero yari aherutse kuvuga ati: 'Imana yarushijeho gutaka isi ubwo yahimbaga amarange.'"? Mu gihe tuzi ko muri Bibiliya habayeho umugore umwe gusa wisigaga amarange, hanyuma Imana ikamugira ibiryo by'imbwa. Kandi twebwe… ugize icyo amenya ku itorero no ku birebana n'abapagani, azi ko kwisiga amarange ari ikimenyetso cy'ubupagani, ni ko byahoze. Nyamara abagore barisiga. Abagabo banywa itabi, banywa inzoga, bagahagarara hariya maze bakaririmba n'ariya majwi. Tugiye kubigeraho mu kanya, hano nyine. Ni byiza cyane. Ni yo myumvire y'amadini… ku bwanjye, hazaba gutungurwa mu rubanza.

77 Kubyarwa na Mwuka, ni ukwizera no kuyoborwa na Mwuka, ni ugusobanukirwa no kwizera n'umutima wawe wose ko Yesu ari Kirisito kandi ko Ibi, ari Ijambo Rye, kandi ko andi magambo adashobora kongerwa kuri Ibi cyangwa kubigabanywaho izina ryawe ridakuwe mu Gitabo cy'Ubugingo. Fiyu! Ni Ijambo rikakaye. Ugize icyo uryongeraho ukurikije imihango yanyu, cyangwa ukarigabanyaho, mu by'ukuri, Kirisito ubwe yavuze ati: "Izina ryawe rizakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Mu by'ukuri, nimunshakire idini muri Bibiliya. Muzabihunga. Ni byiza cyane. Tutitaye ku mubiri, inyigisho z'idini zihabanye na Bibiliya. Yego. Kuvuka bwa kabiri bisobanura kubyarwa no hejuru. Rero tugira uruhare mu by'Ijuru. Yoo, la la! Mu by'ukuri, ni We ubwe ukoreshereza Ijambo Rye muri wowe, ishami Rye, ugereranije n'Igiti.

78 Ni yo mpamvu Yesu yavuze ati: "Niba Ntakora imirimo ya Data, mwe kunyizera." Yoo, ntagushidikanya. Yavuze ati: "Ntawe uwazamutse mu Ijuru, keretse Uwamanutse arivamo." Nimumurebe akosora Nikodemu hano, ubwo Nikodemu… Murabizi, abantu batekerezaga ko nk'uko Yari umuntu, Atashoboraga kuba Imana. Hanyuma avuga ati: "Ntawe uwazamutse mu Ijuru, uretse Uwamanutse arivamo, Umwana w'umuntu uri mu Ijuru ubu." Byari bikabije kuri we. Bishoboka bite ko We Umwana w'umuntu yashoboraga kuba Yaramanutse ava mu Ijuru, kandi Akaba wawundi wari warazamutse mu Ijuru, umwe wari uhagaze ku rubaraza rw'inzu, Avugana na Nikodemu, Akaba ari mu Ijuru? Mu by'ukuri, yakagombye gusobanukirwa ko Yari Imana. Abera hose icyarimwe. Murabona? Ariko We kubera imihango ye, ntiyasobanukirwaga ibyo. Ntiyari umunyamwuka. Ibitekerezo bya kamere ntibyashoboraga kubishyikira. .. Yabajije ati: "Bavuga ko Ndi nde Jyewe Umwana w'umuntu?" "Bamwe bati: 'Ni mwene

Dawidi.'"

Avuga ati: "Kuki Dawidi ari mu mwuka, yamwise Umwami, avuga ati: 'Uwiteka yabwiye Umwami wanjye ati: icara iburyo Bwanjye kugeza igihe Nzashyirira abanzi Bawe munsi y'ibirenge Byawe.'" Ni gute… Yari icyarimwe Igishyitsi n'Ishami bya Dawidi. Yahozeho mbere ya David; Yari Dawid kandi Ariho nyuma ya Dawidi. Murabona? Yari Igishyitsi n'Ishami rya Dawidi. Bibiliya irabivuga, icyarimwe Igishyitsi n'Ishami rya Dawidi. Yashoboraga ate kumubera umwana? Yashoboraga ate kumubera Umwami? Bibiliya ivuga iti: "Uhereye icyo gihe, ntibongeye kugira icyo bamubaza." Ntekereza ko na cyo cyari ikintu cyiza. Yego yego. Ni byiza cyane.

79 Iyo umuntu abyawe no Hejuru, aberaho ibyo Hejuru kandi… kuko Ubugingo Bwe buri muri twe, bikaba ari Ijambo Rye rihamya Ijambo ubwaryo. Mwuka uri muri mwe, ni Ijambo ryambaye umubiri muri mwe. Mwuka yita ku Ijambo, kandi Aberaho guhamya Ijambo.

Mu by'ukuri, Mwuka nta dini na rimwe abamo. Ntashishikajwe no gushing amadini, kuko Mwuka ubwe ahabanye n'idini. Amadini ashaka iby'isi, ibitekerezo by'isi, maze abantu bakubaka ingoro nini, n'ibintu birabagirana, n'amadini asobanutse, n'ababwirizabutumwa basobanutse, n'ibindi nk'ibyo, itsinda rya mbere mu murwa. Igihe Mwuka ashakisha abantu bafite umutima w'umunyakuri, uwo Mwuka yifuza kugaragarizamo no guhamirizamo ko Ijambo ry'Imana ari Ukuri. Mwashobora mute… Mwuka yashobora ate gukorera mu idini igihe idini rihakana Ijambo kandi rigahitamo amahame mu cyimbo cy'Ijambo? Ntashobora kubikora. Rero, murabona, ryarapfuye. Imana ntizajya ahantu nk'aho gushaka itsinda ry'abantu bo kuyikorera, kuko bamaze gupfa. Ntibizera Ijambo, naho ubundi bakisanzemo. Murabona? Tugira uruhare rufatika mu byo hejuru. Mu by'ukuri, Mwuka yita ku Ijambo. Mu by'ukuri, ni ukuri, mbese Mwuka aha Ijambo ubuzima. Murabona? "Inyuguti irica, ariko Mwuka atanga ubuzima."

80 Mu by'ukuri, ubwo nazaga, nitegerezaga ibyo biti byiza cyane by'ishyamba, utwo dusozi tunini, tw'umuhondo, turiho ibiti bitagaranye kandi bihora bitoshye. Nibwiye nti: "Uzi ibyo ari byo?" Mvuga nti: "Twari dufite urupfu, maze Imana imurika indabo Zayo, Izitera ku dusozi. Ni indabo z'urupfu. Ubuzima bwasubiye mu mukungugu. Imana yahambye izo mbuto z'indabo zose n'ibindi, yongeye kuzihamba, maze Yeza indabo Zayo gusa. Ireba ku isi, kubera indabo zikoreshwa mu ihamba. Ariko iyo izuba ryongeye kurasa, ya mbuto irazuka." Amen. Ni byiza cyane.

Mwuka ashishikajwe no guhamya Ijambo. Kandi niba mwarahisemo imihango mukayirutisha Ijambo… Mu by'ukuri, muzavuga muti: "Mu by'ukuri, twizera Ibyo byose, ariko, Mwene Data Branham nzi ko tutizera ibintu nk'ibyo." Ni aho nyine muhagarara.

81 Ufasha abasilikare mu by'iyobokamana yigeze kumbwira ko umukapiteni, cyangwa ntekereza ko yari majoro, yavugaga ati: "Muntu w'Imana, jya hariya; hari umukapiteni uriho ugiye gupfa. Yarashwe urufaya rw'amasasu." Yagiyeyo, kandi kapiteni yarasambaga. Bamujyanye mu ihema ry'umuryango utabara imbabare witiriwe Umusaraba Utukura, maze amubwira ati: "Kapiteni." Uyu arambura amaso igihe amaraso yimishaga, maze avuga ati: "Yego, muvandimwe." Hanyuma avuga ati: "Ni wowe muntu w'Imana?" "Yego."

Avuga ati: "Ugiye gupfa, kapiteni."

Asubiza ati: "Ndabizi."

Avuga ati: "Uri umukirisito?"

Asubiza ati: "Nahoze ndi we."

Avuga ati: "Kirisito wamusize he,

kapiteni we?" Yungamo ati: "Aho wamusize, ni ho uzamusanga." Ni ukuri. Kapiteni avuga ati: "Simpibuka."

Umuntu w'Imana avuga ati: "Wari ukwiye kuhibuka; biragaragara ko usigaranye igihe gito kuko uriho usamba." Yari yasamye, amaraso amuca mu kanwa no mu matwi, yari yarashwe urufaya rw'amasasu ya mitarayeze. Avuga ati: "Wari ukwiye kwihuta, ibihaha byawe biriho biruzura amaraso."

Maze kapiteni atangira gutekereza, arambaraye hariya, asamba. Aramwenyura, avuga ati: "Noneho ndibutse." Avuga ati: "Ni he wamusize? Ba ari ho uhera."

Avuga ati: "Noneho ndasinziriye." Aho yari yaramusize, ni ho yamusanze.

Iyo idini ryawe rigize icyo ryigisha gihabanye n'Ijambo, ni aho nyine umusiga. Nimugaruke, kuko Akorera guhamya Ijambo Rye. Ni cyo Yesu yakoraga, Akora ubushake bwa Data ibihe byose. Murabona? Ni byiza cyane.

82 Rero, imyumvire y'idini rya Nikodemu nta cyo yari ivuze imbere y'Imana. Mu by'ukuri, nta cyo bivuze

kuba yari kigofero, nk'uko bajyaga kumwita mu idini, umwigisha wa Isirayeli, amashuli ye yose n'imyumvire ye, nta n'ubwo byari bihagarariye ibyo. [Mwene Data Branham atera inoni - Umwanditsi] ubwo yahagararaga imbere ya Kirisito, byonyine yaracyashywe. Mu by'ukuri, ntekereza ko buri wese yavugaga ati: "Nyira ubutungane Nikodemu, nyira ubutungane Nikodemu, twunamye imbere yawe, nyagasani." Ariko ubwo Yesu… Ubwo yahagararaga imbere y'Imana, Imana yaramucyashye kubera ubujiji bwe. Murabona rero iherezo ry'ibyo byose; mubyibagirwe. Nimuze, dusange Imana. Ni ukuri. Ni byiza cyane.

Imyumvire ikomeye ya kora na yo nta cyo yari ivuze na busa, cyangwa iya Adamu, iyo ari yo yose yahakanaga Ubutumwa buhamijwe n'Imana. Noneho, dukurikire rero dutuje, tugiye kwibira mu mazi maremare mu kanya gato. Yego yego. Murabona, buri wese muri bo, impamvu bagize ibibazo, Nikodemu, Kora, Nimurodi n'abandi, ni uko batamenye intumwa y'Imana yari ifite Ijambo rihamijwe rya kiriya gihe. Mu by'ukuri, ntawe utabizi. Twashobora kubitindaho. Ariko Imana ivuga ibintu bitaraba maze Ikavuga ko ikintu runaka kigiye kuba; umuntu ashinga amadini, agashyiraho abantu, neza cyane. Bizeraga ko Mesiya yajyaga kuzaza. Yoo, abo Bayuda, yoo! La la!nta kabuza. Ariko ubwo Yesu yazaga nk'uko Yaje, bavuze bati: "Ntashobora kuba We." Babuze gusobanukirwa n'Ijambo. Mu by'ukuri, Yesu ntiyaje bihabanye n'Ijambo. (Si byo?), ah'ubwo Yaje bihabanye n'imyumvire y'Ijambo amadini yari afite. Mose ntiyaje bihabanye n'Ijambo; yaje ahamanya byuzuye n'Ijambo. Ariko Kora yananiwe kubibona. Kandi ni uko byakomeje kuba.

83 Noneho, mukurikire. Byonyine Ubutumwa bw'iki gihe ntibushobora kuba ikintu nka: "Dufite ukuri, kandi dufite iki na kiriya"; Bugomba gutangazwa mu Ijambo Ryayo; kandi rero Ijambo rimaze kuvugwa, Bugomba guhamirizwa n'Ijambo.

Yesu yahamijwe n'Imana binyuze mu Ijambo. Avuga ati: "Iyo mujya kumenya Mose, muba mwaramenye igihe Cyanjye." Abahanuzi bari baramuvuzeho neza, abahanuzi bose bari baravuze neza icyo Yari cyo. Kandi nyamara, ibyo byari byarahumye abantu, aba ntibashoboraga kubisobanukirwa. Murabona? Nyamara Yesu yari... Ubu nta...

Ndashaka kuvuga ibi ku bw'abazumva iyi bande no ku bwanyu. Murabona, intumwa ifite Ubutumwa bw'igihe.

84 Mu by'ukuri, niba mugiye… Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bavuga bati: "Hari icyo dufite, twitondere isabato." Nimubinyereke mu Byanditswe. Madamazela Eddy Baker yavuze ko hari icyo yari afite. Nimubinyereke. Murabona? Abametodisite bavuga ko hari icyo bafite. Nimubinyereke. Ababatisite bavuga ko hari icyo bafite. Nimubinyereke. Nimunyereke idini iryo ari ryo ryose. Jyewe, ndiho nderekana ko yose ari hanze y'ubushake bw'Imana, yarigometse yose mu kwigisha imihango y'abantu mu cyimbo cy'Ijambo ry'Imana. Nta na rimwe nzi muri yo ryemera ibintu byanditswe muri Bibiliya uko byakabaye. Ni ukuri. Kandi iyo hagize uvuga ati: "Mfite ubutumwa bw'iki gihe", tugomba kuba twaramubonye neza mbere kandi ukuza kwe kwaravuzwe.

Ubwo Yohana Umubatiza yahingukaga hariya, abantu bavuze bati: "Ni wowe Kirisito?"

Avuga ati: "Sindi We."

Abantu bamubaza bati: "Uri Eliya?"

Maze abasubiza ati: "Sindi we."

Bamubaza bati: "Uri nde?"

Yashoboraga kuvuga uwo ari we; yari afite Ubutumwa bw'igihe. Avuga ati: "Ndi ijwi ry'Urangururira mu butayu, nk'uko byavuzwe n'umuhanuzi Yesaya. Mu by'ukuri, niba kuvuka kwanjye n'ubuzima bwanjye bidahamanya na byo, mwe kunyemera."

85 Ubwo Yesu yazaga, ni cyo kimwe, kimwe. Intumwa ifite Ubutumwa, bugomba kuba ari Ubutumwa bwamaze gutangazwa n'Imana. Hanyuma Imana, Ivugira muri iyo ntumwa, Igahamya ko ari ukuri. Murabyumva? Murabisobanukirwa? Nimubisobanukirwe. Bigomba kubanza kuba NI KO UWITEKA AVUZE itangajwe mbere. Hanyuma intumwa ifite ubutumwa igomba kuba neza na neza icyo Imana yavuze cyajyaga kuba kiriya gihe.

Ni uko Mose yari ameze. Ni yo mpamvu yaguye yubamye imbere y'Imana maze akavuga ati: "Yoo! Mana, ni Wowe wantumye." Avuga ati: "Ntandukanya na ririya tsinda."

Musobanukirwa n'icyo nshaka kuvuga? Ni cyo cyakomeje guhotora ibitekerezo bya muntu, kikamujyana kure y'ubushake bw'Imana. Noneho mwibuke, ibyo byatangajwe n'Ijambo Ryayo kandi byahamijwe neza n'Ijambo Ryayo. Nyamara, Yesu yavuze ati: "Nintakora imirimo y'Imana, rero mwe kunyizera. Murabona, nimbura... Nimumbwire, ni nde muri mwe wanshinja icyaha? Ni nde wanyereka ko ndi umutizera?"

86 Nikodemu avuga ati: "Tuzi ko Uri Umwigisha, Wavuye ku Mana, kuko ari ntawe ushobora gukora ibyo

bintu Imana itari kumwe na We.” Murabona? Ibyo byagaragazaga rero ko Yari umwizera.

Mu by'ukuri, twebwe abazi amateka y'itorero… Noneho, mutekereze. Ntibiraba impitagihe, murabona, noneho mukurikire mutuje, nanjye ndagerageza kwihuta uko bishoboka. Mu by'ukuri, nifuza… Mukurikire bande mutuje. Noneho, uwamaze gusoma amateka y'itorero wese, ubukirisito bujya guhinduka idini ari ko kugira inzego, bubikomora ku Itorero gatolika ry'i Roma. Mu by'ukuri, niba hari ubundi byigeze kubaho mbere y'ubwo, nashakaga ko hagira unzanira ayo mateka akayanyereka. Ndi incuti magara ya Pawulo Boyd, n'iy'abanyamateka bakomeye benshi. Mfite mu biro byanjye “Inama ya nyuma ya Nikeya”, “Inama ya Nikeya”, “Ababyeyi ba Nikeya”, izo nyandiko zejejwe z'itorero, uko mbizi. Nazize igihe cy'imyaka 33, narazicukumbuye bihagije. Ntihigeze habaho inzego mu itorero. Ni Itorero gatolika ryabyaye amadini. Tuzi ko ari ukuri. Itorero ryari ritarakagira inzego, nta dini ryari ryabaho mbere y'Itorero gatolika. Kandi ijambo “gatolika”, risobanura “icy'isi yose”. Maze bakora idini rya Leta, hanyuma barisakaza mu bwami bw'ubwami bwa Roma, kandi icyo gihe, ubwo bwami, igice bwari bwaramaze kwigarurira, cyajyaga kuruta kimwe cya kabiri cy'isi. Kandi ryari idini rya Leta, naho abangaga kumvira ibyo baricwaga. Inama y'i Nikeya: iminsi 15 y'intambara imena amaraso, ubwo abahanuzi nyakuri b'Imana, ubwo bahagararaga hariya kuri ziriya…

87 Itorero gatolika, mu by'ukuri, mu ntangiriro zaryo, turabizi twese; narabyigishije hano. Mu by'ukuri, ni Akwila na purisila bari abapasitori; Akwila yari pasitori w'itorero ry'i Roma. Ubwo Mwuka Wera yamanukaga ku munsi wa Pantekote, Yamanukiye abayuda bari baturutse imihanda yose y'isi. Ariko nyuma y'igihe gito, Petero yagize iyerekwa hejuru y'inzu, rimumenyesha ko yagombaga kujya kwa Koruneliyo, umuroma, umukiranutsi, yarasenze maze Mwuka Wera aramanukira kuri Koruneliyo. Mu kanya gato, abanyacyubahiro batangiye kwakira Mwuka Wera. Akwila na Purisila bagiye i Roma maze batunganya itorero rya mbere ry'i Roma. Kandi bamaze kubikora, babonye bene Data na bashiki bacu.

88 Kandi ku ngoma ye, Claudius yaciye i Roma abayuda bose. Kandi ni ryo Torero Itorero gatolika rivuga ko Petero yari i Roma. Nimunyereke nibura umurongo umwe w'Ibyanditswe uvuga ko Petero yaba yarabaye i Roma, cyangwa igitabo cy'amateka kivuga ko yabayeyo. Ntiyabayeyo, dushingiye ku Ijambo ry'Imana, kandi ni Ryo nizera. None ni gute Petero, umuyuda, yashoboraga rero kwihanganira ibigirwamana na biriya byose bari bafite, gusenga ibigirwamana n'ibindi? Hehe… Murabona? Yagashoboye ate gusenya inyigisho ze kuri iriya ngingo? Ntibyumvikana. N'abaporoso ntibaruta abagatolika. Nimutegereze, turabigeraho mu kanya, Uwiteka nabishaka. Nimwitegereze. Nimwitegereze noneho, turabona ko igihe itorero rivuga ko Petero yari ari i Roma, amateka yo, avuga ko Claudius (na Bibiliya irabivuga) yari yategetse abayuda bose kuva i Roma.

89 Kandi Pawulo yambukiranije Efeso maze agera mu ntara z'amajyaruguru, asangayo abigishwa, asura Akwila na Purisikila. Ni nyuma y'urugendo rwabo, bene Data b'i Roma batangije ibitekerezo byabo bwite, bongeraho kuramya ibigirwamana. Naho Konsitantini, nyina umubyara yari umukirisito nyakuri kandi yiringiraga ko umuhungu we yajyaga kuba umukirisito na we, ah'ubwo aba umunyapolitike. Kandi yabonye ko abenshi mu bantu i Roma, cyangwa icyiciro cy'abakene cyari cyaramaze kwakira agakiza muri Kirisito. Kandi bari…, bari batangiye kwamamara cyane, kuko baretse Venus bagakuza Mariya, baretse Jupiter bagakuza Petero, bityo bityo; kandi ryari idini ryamamaye cyane. Kandi bari intwari. Abo bakirisito ntibatinyaga urupfu.

90 Kandi Itorero gatolika rivuga riti: “Ni twebwe twabanje.” Ni ukuri kudashidikanywa; Itorero gatolika ryatangiye umunsi wa Pantekote. Ariko dore icyarikuye mu murongo; ryashyizeho inzego maze ritangiza (mu kujya kure y'Ijambo) amahame. Bazahita bakwereka ko ari nta cyo Ibyanditswe bibabwiye, ko ikigize icyo kibabwiye ari icyo itorero rivuga.

Uwo mupadiri yambwiye ati: “Imana iri mu Itorero Ryayo.”

Jyewe mvuga nti: “Imana iri mu Ijambo Ryayo.”

Avuga ati: “Mu by'ukuri, iyi Bibiliya ni amateka y'itorero gatolika rya kera.”

Mvuga nti: “Rero ndi umugatolika wa kera.” Mvuga nti: “Ibyo bingira umugatolika kukurusha uri padiri.” Murabona? Mvuga nti: “Niba ari uko biri, rero ndi umugatolika.” Mvuga nti: “Murabona, nizera neza na neza icyo intumwa zigishije. Mwebwe mwizera icyo umuntu yongeyemo.” Kandi neza na neza ni byo byabaye, neza na neza ni ibyo.

91 Mu by'ukuri, murebe amateka. Bahise batangira kongeraho amahame, amahame. Kandi ubwo Pawulo yazaga, tuzi, dushingiye ku mateka, ko atanigeze asura iryo torero rya mbere, kuko atashobaraga kwihanganira ibigirwamana. Ah'ubwo yasuye itorero rya kabiri bari barashinze, itorero rya kabiri ry'i Roma.

Kandi ubwo iyo nama y'i Nikeya yabaga, ni bwo Konsitantini yagize igitekerezo cyo kubumbira ingoma ye hamwe: neza na neza bimwe n'ibyo Ahabu yakoranye na Yezebeli, bashakanira hariya… Murabona? Kandi ubwo yabonaga amahirwe yo kubumbira ubwoko bwe hamwe no kubugira ishyanga rikomeye cyane, yagize igitekerezo cyo gufata iyobokamana ryabo, hanyuma arigira iyobokamana ry'itorero rya Leta. Kandi ubwo bateranyaga iyo nama y'i Nikeya, havuzwe ibibazo nk'Imana imwe cyangwa eshatu; byari

bikwiye ko babatiza mu Izina rya Yesu Kirisito cyangwa mu Izina rya Data, Umwana na Mwuka Wera? Ibyo bibazo bindi byavuzweho muri kiriya kigeragezo cy'imbaraga. Kandi rero, bamwe muri bariya bahanuzi ba kera, babonetse bambaye impu z'intama gusa, batunzwe no kurya ibyatsi. Ni ukuri. Ariko bariya banyacyubahiro bakomeye bari baramaze gufata imyanya mu itorero, babacecekeshesha ubwenge bw'isi. Ariko abahanuzi bari bafite NI KO UWITEKA AVUZE. Itorero ryaguye mu icuraburindi rya gipagani mu gihe gikabakaba imyaka igihumbi.

Ariko ryongeye gutoha. Ni ukuri. Ntimushobora kubyica.

92 Aya madini yongeyeho amahame. Kandi kugira ngo tubigereho, kugira ngo twongereho amahame, uburyo rukumbi kuri buri torero, uburyo rukumbi kuri buri dini, bwo kujya kure y'Ijambo ry'Imana, ni ubwo kuryongeraho amahame aho gufata Ibyanditswe Byera, ni ugushaka gushyiraho imihango yanyu cyangwa amahame y'itorero ryanyu, n'ubwo yaba ahabanye n'Ibyanditswe. Mwashobora mute gucira itorero gatolika ho iteka, igihe mukora bimwe n'ibyo ryakoze? Murabisobanukiwe? Ni byiza cyane. Ubwo… Mu by'ukuri, mubitekerezeho gusa, Ibyanditswe ntibishobora kunanirwa. Ihame, mu ikubitiro, ni ikinyoma. Kandi iyo wakiriye idini, uba ufite ihame, kuko ari ikintu cyongeweho. Ntabwo kiri mu Byanditswe. Ntabwo kiri mu Byanditswe.

93 Nta dini ribaho. Yesu ntiyigeze avuga ati: "Nimugende mu isi yose maze mushinge amadini arimo inzego." Oya oya, nta bintu nk'ibyo bibaho. Kugira gutyo bingana kwanga Ibyanditswe byera. Ubwo bakoraga ibyo, ibintu byavuye mu itorero bavukiramo bijya mu itorero ry'amahame n'imihango. Ntabwo ari itorero, muranyumve neza; ni amacumbi. Mwinjira mu Itorero mu kurivukiramo, ariko mukisunga icumbi. Si itorero ry'ababatisite, iry'abametodisite, iry'abapantekote. Ni icumbi ry'ababatisite, iry'abametodisite, iry'abapantekote, murabyisunga. Ntimushobora kwisunga Itorero. Nta bisa bityo bibaho. Muhinjira mu kuhavukira. Ni byo byabwiwe Nikodemu. Murabona rero uko muhagaze? Yoo! La la!

Ni yo mpamvu ntemeranywa na byo. Sindwanya abarimo, ndwanya imikorere. Mu by'ukuri, ntibashobora… niba umwe mu bakuru cyangwa undi wese, niba rimwe muri ayo madini rigize icyo ribwiriza kiri muri Bibiliya ariko gihabanye n'amahame iryo torero rigenderaho, acibwa atyo. Yego yego. Bamwe muri bo ni babi ku buryo batazemera ko ububyutse bubera mu rindi torero, niba butajyanywe n'umwe wo mu babo. Kuki, bari...

94 Igihe kimwe hari uwari ugiye gutanga umubwirizabutumwa… kandi neza na neza hari muri iki gihugu, umubwirizabutumwa uciye bugufi wari mu muhanda, asakuza kandi yingingira abantu kwihana, avuga ati: "Nimuze, nimwakire Kirisito; nimwuzure Mwuka Wera", n'ibintu nk'ibyo. Maze umwe wo mu idini ry'abapantekote aregera, ashyira idolari rimwe mu biganza by'uwo mubwirizabutumwa, byabaye ngombwa ko yihana ubusambanyi yakoreye itorero rye. Muvuga abagatolika? Ni byo. Kandi muzi n'ibyo mvuga. Cyangwa iri torero rirabizi uko biri kose. Ni byiza cyane.

95 Ese ib, kwanga Ibyanditswe, iyo bakoze ibyo, birahinduka; rero iyo mwongeyeho ihame maze mukisunga idini, muba mwakiriye ihame ryanyu rya mbere, mu by'ukuri, ibyo ntibyanditswe, rero ni ikintu cyongeyeho. Kandi ihame, ni ikintu cyongeyeho, "ikiri mu mwanya wa"; ibyo biri mu mwanya wo kuvuka. Iyo mwakiriye idini, muba mwongeyeho ihame. Ni byiza cyane. Iyo mukoze ibyo, muba muvuye mu itorero muvukiramo mukajya mu icumbi munyuze mu ihame. Mu by'ukuri, murabona, ni ihame ubwaryo, ntibyanditswe.

Mu by'ukuri, Yesu ntiyigeze avuga ati: "Nimugende maze mushinge amadini, muteranirize abantu mu idini. Yavuze ati: 'Mujye guhindura abantu abigishwa.'" Murabyizera? Amen. Murabona rero ko muri hanze.

96 Nimukurikire, mwumve ibi. Tubishojeshe ibindi hano, tugire icyo dushimangira noneho. Ni bangahe bafite inkoranyamagambo y'ikigiriki, "Emphatic Diaglott" yatunganijwe hifashishijwe inyandiko z'ikigiriki za kera? Ni byiza cyane. Mubisome, mubaze intiti yose mushaka. Mujye mu nkoranyabitabo, maze mufate inkoranyamagambo, inkoranyamagambo y'ikigiriki. Musome Ibyahishuwe 17, kandi iyo musomye Bibiliya yahinduwe n'umwami Yakobo, Ivuga ibi: "Anjyana mu Mwuka; maze mbona umugore wicaye ku nyamaswa itukura, yuzuye amazina y'ibitutsi." Mu by'ukuri, ibyo, ni byo bivugwa n'umwami Yakobo. Ariko ibisobanuro bya mbere bivuga biti:

*… Anjyana mu Mwuka… Maze mbona umugore… wuzuye amazina y'ibitutsi…*

97 Hari itandukaniro rinini hagati y'"amazina y'ibitutsi" n'"amazina atuka Imana". Mu by'ukuri, nimwumve. Twese dusobanukiwe kandi tuzi ko ari Itorero rya Roma ryicariye udusozi turindwi kandi rikaba ritegeka abatware b'iyi si kandi akaba ari ryo ryitwa maraya, nyina w'indaya. Ibiki? Indaya ni iki? Byashoboka ko umugabo aba indaya? Agomba kuba umugore. Niba rero ari umugore, agomba kuba itorero; yari nyina w'indaya, icyo yari cyo neza na neza. Kandi mwitegereze, mukurikire: "We…" kureka ibyo bikinjira. "Yari afite amazina atuka Imana." Ni ibiki? Mwebwe abashumba muri hano n'abazumva bande, mu by'ukuri, nimutuze gusa. Ayo mazina atuka Imana ni ayahe? Metodisite, batisite, peresibiteriyani, luteriyani, pantekote, n'ayandi. Amazina atuka Imana, kuko ari amadini. Ni uburaya mu maso y'Imana, neza na neza nk'uko yari ari.

98 Kandi abantu bo muri ariya matsinda bavuga bati: «Mu by'ukuri, ni umumetodisite kandi akora ibi. Ni umupantekote, akora ibi. Ni umuperesibiteriyani, akora ibi.» Bakora byose nk'uko biba byarateganijwe, murabizi. None ni ibiki? Ni amazina yakagombye kuba nk'irya Kirisito, akigira amazina ya gikirisito, kandi ari amazina atuka Imana. Si amatorero. Kuyita amatorero ni ukuyabeshyera. Ni amacumbi. Noneho, musobanukiwe impamvu ntemeranya n'idini? Sindwanya abantu, ah'ubwo ndwanya imikorere y'amadini, murabona; ni amazina atuka Imana y'amacumbi, kuyita amatorero ni ukuyatuka. Itorero ry'abametodisite, Itorero ry'ababatisite, Itorero ry'abaperesibiteriyani, Itorero ry'abapantekote, Itorero ry'abaluteriyani, Itorero rya bene Data bibumbye, ibyo ntibibaho, ntaho byanditswe.

Hariho Itorero rimwe gusa, kandi ntimushobora kuryisunga. Uryinjizwamo no kuvuka. Ni Cyo watoranirijwe. Umubiri mugari wo mu buryo bw'umwuka wa Yesu Kirisito hano ku isi, hamwe n'Ijambo ryagaragajwe. Abahungu n'abakobwa b'Imana, nta dini na rimwe babereye abayoboke. "Nimuyasohokemo", ni ko Avuga. Yego.

Noneho mukurikire mwihuse. Sinshaka kubananiza, ah'ubwo iyo aba gusa mwari munyemereye iminota mike ubu, ngiye kwihuta uko bishoboka, nifuza ko mudashidikanya ko mwabisobanukiwe, kugira ngo mutabicikwa. Murabona?

99 Mwibuke, nyina Roma, twabonye ko yuzuye amazina atuka Imana, nyina w'indaya. Rero, niba ari indaya, indaya ni iki? Maraya ni iki? Ni kimwe n'indaya. Ni umugore utatira isezerano ry'abashakanye. Kandi itorero ryose ryiyita Itorero rya Kirisito, kandi rihakana Ijambo ry'Imana, ritatira isezerano ry'abashakanye. Rirasambana rero mu kongeraho amahame, risambana n'isi n'ubwenge bwayo, aho kwakira Kirisito n'imbaraga z'umuzuko We binyuze mu Mwuka Wera. Gatolika ya Roma ni yo nyina w'indaya zakoze bimwe na yo. Inkono ntishobora guseka Imbabura, murabizi; murabona, ni nka gatandatu na kimwe cya kabiri cya cumi na kabiri. Bamwe muri abo bantu bikomereza inzira yabo, baseka abagatolika, kandi babarizwa muri ayo madini y'indaya. Yari nyina w'umubatizo wo mu mazi w'ikinyoma. Ni nyina w'ikimenyetso cya Mwuka Wera cy'ikinyoma, hanyuma mukagera ikirenge mu cye mudashidikanya. Mu by'ukuri, turebe.

"Ibyo ni ukuri, Mwene Data Branham?" Mutuze akanya gato.

100 Murabona, ni nyina w'amazina atuka Imana, amacumbi abantu bisunze, bateye isoni, babayeho uko babonye, biyambarira udukabutura, abagore biyogoshesha umusatsi, bisiga amarange, baririmba mu makorali, binywera agatabi, bakajya ku meza y'Umwami, umwanda w'uburyo bwose, maze bikaba igisitaza ku batizera. Timoteyo ntiyabivuze, Mwuka Wera? Mukurikire. Murabona, we, Roma, ni yo nyina w'indaya zose. Murabona? Mu idini ryanyu mwakoze neza na neza ibyo yakoze: kuzana amahame mu cyimbo cy'Ijambo, kuko itsinda ry'abantu bishyize hamwe ryabinononsoye, abakuru, abagenzuzi n'abandi bavuze ko byakagombye kugenda bitya, kandi neza na neza ni byo byabaye i Roma. Kandi, mwene Data pasitori, gerageza kwakira Ijambo ry'Imana ryose maze urebe aho uzisanga: bazahita bakujugunya hanze. Mu by'ukuri, mu gihe gito tuzamenya ko ari Imana yakubwiye kubikora cyangwa atari yo. Murabona? Ni byiza cyane.

101 Murabona, ni nyina w'indaya zose, kuko ari ryo ryabaye irya mbere kugira ibyo rikura mu Byanditswe rikabisimbuza amahame, rikaba ryaranze abahanuzi basizwe bari bafite umucyo uhamijwe n'Ijambo. Kubera ubwenge bwabo, abantu b'abanyabwenge, abami bakomeye b'abaroma n'abandi, bari barakiriye ubukirisito… ariko bashaka kubwakira mu buryo bwabo bwite. Murabona? Ni ukuri. Abantu babishaka mu buryo bwabo bwite.

Namani yashakaga gukirira ibibembe bye mu mazi y'i wabo; ntiyashakaga amazi y'ikiziba ya Yorodani. Ariko niba yarashakaga gukira ibibembe, yagombaga kwibira muri icyo kiziba, neza na neza nk'uko umuhanuzi yari yamubwiye. Murabona? Imana ntirobanura ku butoni.

102 Mwitegereze, ni ryo dini rya mbere ryabayeho. Murebe abakobwa baryo, bakoze bimwe na ryo, bahisemo amahame n'imihango mu cyimbo cy'Ijambo. Mwimbwira inkuru; nimunyereke nibura rimwe ridakomoka kuri ryo. Nimunyereke nibura pasitori umwe ushobora kwakira ukuri, uwo batazirukana babimuhora, keretse niba ari ikirangirire cyane, murabizi, bakazagomba kumwizirikaho kubera kuba ikirangirire kwe, cyangwa ikindi nk'icyo, kandi ni ukuri.

103 Noneho, murebe Ibyahishuwe 18 mu kanya gato, igice gikurikira, nyuma y'aho Ibyahishuwe 17 ihishuriye amabanga y'uyu Nyampinga Babuloni. Ibyahishuwe 17 isobanura ko ari itorero ryicaye ku dusozi turindwi, umurwa wa Vatikani, uyobora abami bo ku isi yose (Neza na neza ni ko kuri), n'abaperezida bose n'abandi. Yego yego. Kuko… ariko riri hariya, rifite ubutunzi bw'isi yose mu biganza byaryo. Ni ukuri. "Ni nde ushobora kurirwanya?" Ni ukuri. Twese turabizi. Ariko kuki mushaka kuba abanyamuryango b'ikintu gifitanye isano na we? Mu by'ukuri, mwitegereze igice cya 18, igice gikurikira aho amabanga ye amenekeye. «Kwicara mu Ngoro y'Imana.»

104 Mu by'ukuri, uriya munsi hano,… Zella Braitman, uri hano uyu mugoroba, Zella? Yazanye… Ubu biri hariya mu cyumba, «umushyitsi wacu wok u cyumweru», ikinyamakuru gatolika. Kandi icyo kinyamakuru

gatolika cyasubizaga umupasitori. Kivuga kiti: «Wavuze, pasitori, ko biri mu mibare y'ikiromani ku ntebe ya papa, VICARIVS FILII DEI, bisobanura, biri muri diyosezi gatolika, ko ari umubare w'inyamaswa y'Ibyahishuwe?»

Yavuze ati: «Mu by'ukuri, nta gushidikanya, ni byo. Ni ukuri, ibarura ritanga 666; ni ukuri.» kandi diyosezi y'i Roma yemera ko ari ukuri. Ariko dore igisubizo kirimo amakenga, avuga ati: «Ariko, uzi ko ibarura ry'izina ryawe mu rurimi runaka rwashobora gutanga bimwe.»

Uwo muntu yavuze ati: «Iryanjye, rijya gutanga nka byo mu rurimi rumwe.» Yarabibaruye. Avuga ati: «Murabona, n'ibyanjye ni nka 666.» Avuga ati: «Hari amagana.» Avuga ati: «Buri gihe iyo hari igihagurutse, haba hari ufite 666.» Avuga ati: «Pasitori, wari uzi ko, mu rurimi rumwe, ibarura ry'izina ryawe rishobora gutanga antikirisito?» Avuga ati: «Kuki muha agaciro ibintu nk'ibyo?» Noneho murebe ubwenge.

105 Ariko Mwuka Wera yari yiteguye neza. Mwitegereze. Bishobora kuba ari ko biri, ibarura ry'izina ryanjye rishobora gutanga 666, ariko sinujuje ibisabwa bisigaye. Sinicaye ku gasozi. Simvuze ibyo bintu. Sindi umuyobozi w'intara. Murabona? Ni ukuri. Ni uriya Avuga. Rero ubwenge bwawe bw'isi ntaho bugeza, muvandimwe, ni ukuri, mu Bwiza bwa Mwuka Wera. Sinujuje ibisabwa bindi, ariko we, arabyujuje. Yicaye mu Ngoro y'Imana, ubwe yiyita Imana, kandi yicaye ku dusozi turindwi. Sinicaye ku dusozi turindwi, n'ubwo izina ryanjye ryaba ritanga 666. Sinujuje ibisabwa bindi, ariko we arabyujuje. Murabona? Rero, twisunge Mwukwa Wera: "Ntimwibaze n'ibyo muzavuga, kuko atari mwe muzavuga, ni Data."

106 Ni gute rero ubwenge bwawe no kuvuka ubwa kabiri kwawe biva hejuru bishobora kugereranywa n'iby'isi, n'abo bakonikoni bakomeye bayirimo? Mu by'ukuri, bazi ibyo nk'umufuka w'ipantalo yabo. Ni gute Mose yashoboye guhagarara neza mu kumvira amategeko y'Imana, mu kujugunya inkoni hasi maze igahinduka inzoka, abakonikoni na bo bakaza hanyuma bagakora bimwe na bo? Ah'ubwo Mose yaratuje, azi ko yari yumviye Ijambo ry'Imana; maze inzoka ye imiragura izindi. Murabona? Iyo wumviye kandi ukaba… Yashoboraga gukora iki ubwo yayoboraga abantu mu gihugu cy'isezerano maze inyanja Itukura ikabazitira, ariko inzira y'Imana ni aho nyine yanyuraga. Amen. Avuga ati: "Mutuze maze mwirebere ubwiza bw'Imana."

Niba biri mu nshingano, kumvira Ijambo, bigumemo maze urebe ngo birafunguka. Amen. Mfite imyaka 53, mukoreye imyaka ikabakaba 33, nakwifuje imyaka miliyoni 10 yo kumukorera. Sindamubona Ananirwa, iyo ugendeye mu Ijambo Rye. Ni ukuri.

107 Noneho mwumve, nyuma gato y'icyaha cye, amabanga yahise amenyekana. Tumaze igihe kirekire tubibonye.

Mu by'ukuri, igice gikurikira, murebe Ibyahishuwe 18. Hinga mpafate akanya gato. Byaba ari ikintu cyiza; biradutwara agahe gato k'inyongera, byashoboka ko bibabera ikintu gito, ndabyizera.

Noneho, turabona hano mu gice cya 17, umurongo wa 5

> *… mu ruhanga rwe handitswe izina, AMAYOBERA, BABULONI IKOMEYE, NYINA W'INDAYA N'IBIZIRA BYO MU ISI.(Kandi itegereze)*
>
> *Hanyuma mbona umugore (itorero) wasinze amaraso y'abera n'ay'abahamya ba Yesu; … mubonye, ndatangara cyane.*

Murabona, mubona, yari afite ubwiza bwinshi. Kandi yari nyina w'abamaraya, amadini, ni byo ryakoze neza na neza, murabona, kuko

yatangije amahame neza na neza nka ryo. Noneho murebe, Ibyahishuwe, igice cya 17, kirangizwa n'umurongo wa 18.

108 Noneho, mukurikire.

> *Nyuma y'ibyo, (nyuma y'aho amabanga ye amenekeye,) nyuma y'ibyo, mbona marayika wundi ava mu Ijuru, afite ubutware bwinshi;…*

Noneho, dore indi ntumwa imanutse, mu gice gikurikira, ibanga ryayo ryari ryamenetse. Noneho, iryo ni ryo ibanga ryayo ryamenetse, n'ibanga ry'abana baryo. Murabona, noneho dusobanukiwe neza na neza icyarigize maraya: ni uko ryasambanye ritatiye Ijambo ry'Imana. Kandi ni cyo cyarigize idini. ntiryashoboraga kuba Itorero rya Bibiliya hanyuma ngo ryakire biriya. Kandi idini ryose ritakira buri Jambo ry'Imana (nk'uko Byanditswe) na ryo ntirishobora kuba Itorero rya Bibiliya. Kandi nta na rimwe muri yo twakwita Itorero rya Bibiliya, mu yo nzi yose, nta na rimwe. Rero hariya, murabona, iyo rishyize inzego mu byo rikora, riherako rigapfa; ryakira amahame. Noneho, murebe, rero ni byo byabaye.

109 Imana yohereje (muri iki gice cya 18) marayika ukomeye nyuma y'aho ayo mabanga amenekeye, marayika ukomeye, cyangwa intumwa ikomeye. Mukurikire hano.

*Nyuma y'ibyo, mbona marayika wundi ava mu Ijuru afite ubutware bukomeye; maze isi imurikirwa n'ubwiza bwe.*

*Arangurura ijwi rirenga ati: "Iraguye Babuloni (ubuyobe) ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga kandi byangwa.*

*Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara."*

110 Nimurebe, neza na neza nyuma y'aho amabanga yaryo amenekeye, uwo ryari we, icyo ryari cyo, abo abakobwa baryo bari bo, aho amabanga yaryo amenekeye, ni bwo Imana yohereje marayika, intumwa. Kubera iki? Ngo ahamagarire gusohoka.

*"Nimusohoke…", ubutumwa bw'igihe. Nimuwusohokemo, bwoko bwanjye, kugira ngo mwe kwifatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo…*

Imana igiye kurivuma. Mukurikire. "Nimurisohokemo." Imana yohereje Marayika ukomeye, cyangwa intumwa. Kandi umucyo we ntiwarasiye inkike imwe, ah'ubwo wasakaye ku isi yose. "Nimuwusohokemo." Iki? … kumurikira isi no guhamagarira ubwoko bw'Imana kuwusohokamo… Mu by'ukuri, muzi ko ari ukuri. intumwa yavanywe mu Ijuru no guhamagarira ubwoko bw'Imana gusohoka muri Babuloni. Kandi umucyo wayo wamurikiye isi yose, Mwuka Wera w'ubwiza.

111 Mwitegereze, Bibiliya ivuga ko ari icumbi, kandi ko ryafashe ibisiga byangwa, bizira, Atari ibizu: oya oya, oya oya: inkongoro. Ibisiga bizira kandi byangwa, ni byo ryabereye icumbi. Ryabaye icumbi ryuzuye ibyo bisiga, icumbi ryuzuye iki? "Amazina atuka Imana", ahabanye n'Ibyanditswe. 2Timoteyo 3 handitswe, Mwuka Wera avuga ati: "Mu minsi y'imperuka, bazajya kure yo kwizera hanyuma bifatanye n'imyuka iyobya." Kandi Mwuka Wera avuga ko mu bihe bya nyuma, abantu bajyaga kwikakaza, kuba abibone, bangana: "Imana ishimwe, muri abacu, cyangwa niba izina ryawe ritari mu gitabo cyacu, urarimbutse." Mbega ishyano! mbega umwanda! Niringiye ko ari nta n'umwe mbangamiye; niringiye kuba nagize neza. Ibisiga bihumanye kandi byangwa, ni ryo cumbi ryabo.

112 Nimwibuke, Imana ni Ikizu, Ubwayo yiyise Ikizu. Kandi Yise Yakobo ikizu. Kandi turi ibyana by'ikizu Byayo. Amen. Yise ibizu abahanuzi Bayo. Kandi marayika yamanuwe no guhishura no guhamagarira gusohoka.

Ni nko mu butumwa nabwirije ku "Kizu gikangura ibyana byacyo…" Icyo cyana cy'ikizu kidasobanutse cyakurikiraga hirya no hino, ibihe byose, iriya nkoko ishaje yo mu rudandi, yahamagaraga hirya no hino, ariko cyo ntikibashe kurya ibyo yari ifite: iby'isi, abagore bisize amarange mu maso, bogosha umusatsi, n'abambara amakabutura. Cyo nticyabikoraga. Ariko nta kindi cyari kizi uretse guhamagara kw'iyo nkoko ishaje. Ariko igihe kimwe, nyina w'ibizu yarakibonye. Irasakuza, igihamagarira gusohoka, ivuga iti: "Mwana wanjye, nturi inkoko. Zivemo." Kivuga kiti: "Mama, nkore iki?"

Ivuga iti: "Kubita amababa maze uguruke." Mu gusimbuka bwa mbere, cyageze ku rubambo, rwagati mu idini. ivuga iti: "Mwana wanjye, ugomba kwigira ejuru biruseho, bitaba ibyo simbashe kugufata. Amaguru yawe agomba kuva hasi." Igiye kugurukana na cyo. Yari yazanywe no kugihamagarira gusohoka. Ni ukuri.

113 Ariko iriya nyina Babuloni yari yifatiye itsinda ry'inkoko: imishwi yarimbye, yisize amarange, yiyogoshesheje umusatsi, yiyita imikirisito. Ryari rifite icumbi riyuzuye. Mwebwe, babwirizabutumwa muhagarara ku gicaniro hanyuma mugashyigikira abo bagore, mukorwe n'isoni, kugira ngo idini ryanyu ryuzure abantu. Imana izabibabaza. Nimuwusohokemo. "Intama Zanjye zumva ijwi ryanjye." Icumbi ry'abantu banga abandi, bikakaza, abibone, bakunda kwinezeza aho gukunda Imana, bakunda gusa n'isi aho gusa na Kirisito. Iyo ubonye uwisize amarange umenya ko muri we harimo ubusa. Ni ikinyoma kiri muri we. Uko ni ukuri. Niba umugore… hari umugore nabonye, kiriya gihe, wari ufite umusatsi w'icyatsi (ni ukuri), yari afite umurundo w'ibintu by'icyatsi mu maso.

114 Mu by'ukuri, niba udafite imisatsi, kandi ukaba ushaka kwambara perike, bizaba byemewe kuyambara, ariko wambare igaragara nk'umusatsi w'umwimerere. Niba utari ufite inzara, kandi ukaba uzishaka, ntuzishakire izisa n'ibishishwa by'ibishyimbo by'ububenga, uzashake inzara nyakuri. Niba udafite ibyo bintu, nta kibazo. Niba ari nta menyo ufite, ugende uyiteze. Ariko ntuzikuze ayo Imana yaguhaye, uyahoye kuba impingikirane, ah'ubwo ni amenyo meza, ntukifuze amaterano ugifite ay'umwimerere. Ntugashyire amabara mu musatsi wawe, cyangwa ikintu nka cyo, gisa n'icyondo. Niba udakeye, kandi ushaka gucya, numva ari nta kibazo wisize. Ariko ntugase na Yezebeli, ni igihangari basize irange.

115 Kandi mwebwe bene Data b'abapantekote, mureka abo bagore bakogosha umusatsi, igihe Bibiliya ivuga ko ari bwo bwiza bwabo. Kandi ntabwo bikwiye ko asenga n'umusatsi umeze utyo. Kandi bareka umugore akajya ku gicaniro akabwiriza Ubutumwa Bwiza, akaririmba muri korali, akigisha ishuli ryo ku cyumweru. Mukorwe n'isoni. Mwakagombye kwitera isoni. Ni kuki ntemeranya n'amadini? Mutekereza ko

nashoboraga gushyigikira ibintu nk'ibyo? Nzi impamvu mubikora, mwajyaga koherezwa ku cyicaro gikuru, mu gucibwa. Imana ishimwe ku bw'umwete wanyu niba mubikora. Ni ukuri. Yego yego. Imana izabaha icyubahiro.

116 Ni uwo marayika yavuze? "Nimuwusohokemo." Yego yego. Uwo marayika yaje ku isi, kandi yazanye Umucyo, maze akwiza Umucyo mu isi yose. Yari marayika ukomeye. Kandi yazanywe no kuvuga ubu butumwa: "Nimusohoke muri Babuloni. Ntimugakore ku bihumanye bye."

Handitswe ngo: "Ni icumbi ry'ibisiga bihumanye kandi byangwa." Yego, rifite rero icumbi ryuzuye, inama mpuzamahanga y'amadini, cyangwa ah'ubwo y'amacumbi. Ryashyize itsinda ryose mu icumbi: bariho barirundarundira hamwe bose. Ryahindutse icumbi ryuzuye ibisiga bihumanye kandi byangwa. Ni ukuri. Uzagerageze kugira uwo uvugisha wo muri bo, uzabigerageze gusa, mwana wanjye; bazi ubwenge bw'isi, ariko ntibazi Imana birenze uko urukwavu ruzi umweyo ukubura urubura. Ni ukuri. Ni uko biri, murabona? Nta kindi bazi, usibye ubwenge bw'isi, naho ibijyanye no kumumenya We? Ahaa! Yego, bafatiwe n'amahame yaryo mu icumbi ryaryo. Amadini ya giporoso yatangiye gukora bimwe na ryo, yahindutse abakobwa baryo, abigizwe no kwanga Ijambo ry'Imana. Ni cyo rikora. Ryanga Ijambo ry'Imana. Kandi iyo ugize ikindi wakira kitari Ijambo, uba uryanze ubwawe. Kandi iyo uyobotse idini rimwe muri yo, nawe uba wanze Ijambo. Imana ntiyifuza ko umera utyo. Mu Byanditswe, ibyo nta mwanya bifite.

117 Mwitegereze, ibi, ni marayika w'Umucyo. Mwibuke, marayika wa nyuma, ni marayika w'igisekuru cya Lawodikiya. Intumwa ya Lawodikiya ni yo ya nyuma… Mu by'ukuri, igice gihita gikurikiraho, ni igice cya 19, ari ko kuza k'Umugeni. Kandi mu Byanditswe, ni marayika wa nyuma wazanye Umucyo mbere y'uko Umugeni ajya gusanganira Kirisito. Rero cyari igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya. Ni nde ntumwa y'igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya uhamagarira abantu gusohoka muri Babuloni? Mukurikire. Amadini yafatiwe n'amahame yaryo mu icumbi ryaryo, mu kwanga Ijambo maze bagahitamo amahame. Uyu, ni marayika w'Umucyo watumwe ku Itorero rya Lawodikiya ryari ryanze Kirisito n'Ijambo Rye kubera amahame kandi rikaba ryaramutaye hanze. Kandi Yari ahagaze ku rugi Akomanga, Ashaka kwinjira. Kandi ubutumwa bw'uwo marayika… Intumwa yavuye ku Mana, yarangururaga ubutumwa bwayo ku isi iti: "Nimusohoke muri Babuloni! Nimusohoke mu madini!" none, Mwuka Wera, kwigaragaza kwa Mwuka Wera, ni uwo marayika ugerageza kugarura abantu ku Ijambo, kuko Mwuka Wera ari nta kindi azahamya kitari Ijambo. Ntashobora guhamya amahame; nta bugingo buri mu mahame. Ni We Bugingo. Mwitegereze, igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya cyaramwanze, cyaramwihakanye, hanyuma kimuta hanze.

118 Mwitegereze, uwo malayika ni intumwa ya nyuma mbere yo kugaruka kwa Kirisito mu Byahishuwe 19. Ijwi ry'intumwa, urebye neza, ubwo yumvikanishaga ijwi rye ku isi, iryo jwi ryumvikaniye no mu Ijuru: umurongo wa 4 w'igice cya 19. Iyo ntumwa yari yumviraga Imana ku buryo, ubwo yatangazaga ibyo ku isi, Imana Yabyumvikanishije no mu Ijuru. Igisobanuro cy'uwo murongo wa 4 ni ikihe? Ibyo bishaka kuvuga iki? Ni Ijwi ry'Imana ivugisha intore Zayo, iti: "Nimuwusohokemo", ni ko neza na neza iryo jwi ryavugaga. Ifite abantu hariya hose, muri Babuloni hose. Nimuwusohokemo, kugira ngo mutagira uruhare mu byaha byawo, yego, yego, nimusohoke muri ayo mahame n'iyo mihango kugira ngo mujye mu Ijambo ryagizwe Mwuka n'Ubugingo. Amen.

119 Mwitegereze, igice cya 19, ni iki gikurikira, "Nyuma y'ibyo…" Mwitegereze, iki? Nyuma y'iki? Nyuma y'Ubutumwa bwo kuwusohokamo. Nyuma y'ibyo, mwitegereze, ni amajwi y'Abera bagize Umugeni kandi bari kumwe n'Umukwe, bajya mu Bukwe bw'Umwana w'intama. Mbega ukuntu turi hafi yabyo, mwene Data? Ni irihe hamagara rya nyuma? Nimusohoke muri Babuloni.

Mu by'ukuri, bene Data, dore impamvu ntemeranya na byo; ntaho byanditswe. Nta bwo bihuye. Byagaragaye ko bipfuye. Nta Mana ibirimo; Ntiyigeze ibibamo; Nta n'Iteze kuzabibamo. Mu by'ukuri, simvuze ko ari nta bantu bari muri ariya madini. Ni hariya Itorero ryatangiriye. Ariko, igihe cyose muzaba mukiri muri iriya mikorere, muri kimwe.

120 Mu gihe ngituye muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ndi Umunyamerika. Igihe cyose ndi umuturage wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ndi umwe mu Banyamerika. Ndamutse ngiye mu Budage nkihakana ubwene gihugu bwa hano, ngafata ubwene gihugu bw'Ubudage, simba nkiri Umunyamerika; mba ndi Umudage. Kandi ndamutse ngiye mu Buyapani, cyangwa ahandi hose, mu Burusiya, mfata ubwenegihugu bwa hariya.

Kandi iyo winjiye mu idini, ukaba umwe mubarigize, uba ugaragaje icyo uri cyo. Kandi muri ibi bihe bya nyuma, Imana ihamagarira abantu kurisohokamo. Bibiliya irabivuga iti: "Ni muwusohokemo, kugira ngo mudasangira ibihano na wo, Mbone kubakira. Mwe gukora ku bihumanye byawo, murabona, Mbone kubakira. Kandi muzambera abahungu n'abakobwa na Njye Nzababera Imana." Murabona.

121 Ni yo mpamvu navuze ndwanya idini, amacumbi. Sinshobora kwita ibyo itorero. Hariho Itorero rimwe rukumbi; Itorero ni Umubiri wa Kirisito. Ariko ayo macumbi bita amatorero, Bibiliya yanjye ivuga ko ari amazina atuka Imana, yose, amadini yose. Atuka iki? "Gutuka" bivuga "kurwanya", cyangwa "kuvuga urwanya". Mu gihe Imana ivuga iti: "Nimuze muvuke", yo, avuga ati: "Nimuze mwinjire." Murabona? Ni bwo

umubatizo wa Mwuka Wera wasimbujwe na hositiya mu Itorero gatolika, ugukorana mu ntoke mu Itorero rya giporoso, no kwitigisa mu Itorero rya gipantekote, kandi ibyo bikajya mu cyimbo cya Kirisito winjirana n'iyo nyubako yose ifite ishusho ya piramide twavuzeho uriya munsi.

Ukwizera kwanyu mukongereho ingeso nziza, n'ibindi, ibiri muri 1Petero… 1 cyangwa ah'ubwo muri 2Petero, ndakeka, igice cya 1, aho ibyo byose byongewe ku kwizera kwanyu, ibyo bintu byose, ubumana, ubutungane, ukwera, n'ibindi, hanyuma mugashyirwaho ikimenyetso na Mwuka wera.

122 Ariko ni nk'umuntu ba… abantu bavuga ko bahawe Mwuka Wera kandi ari ntawe bafite, kuko bigishijwe nabi. Abametodisite bagira ibyiyumvayumvo bidasobanutse, barabigiraga hambere, maze bagatigita buhoro cyangwa bagabyina mu mwuka. Abapantekote bavuga mu ndimi cyangwa bakagira ibyiyumvayumvo. Ibyo ndabyemera, ntagushidikanya, ariko ibyo byonyine ntibihagije.

Nk'uko nabivuze kiriya gihe, ni nk'igikona cyagerageza kwiteraho amababa y'inyange cyangwa agaca kagerageza kwiteraho amababa y'inuma. Si ayo byameze. Ni amaterano. Ni ayo byiteyeho. Ni amadini. Ariko iyo Imana igize icyo ikora, biba kamere. Muvuga muti: "Ninjiye itorero ejo ni mugoroba. Sinshobora kujya kunywa. Sinakora ibi. Naraye ninjiye itorero." Murabona, mugerageza gutera amababa y'inyange ku gikanka cy'igikona. Ni ukuri. Murabona, murabona? Mugomba kuvuka ubwa kabiri. Mugomba kwakira Kirisito. Kandi ntimushobora kwakira Kirisito, mutakiriye Ijambo Rye, kuko ari We Jambo. Ariko iyo mufite ishusho yo kwera, kandi muhakana Ijambo, icyo gihe mbibazaho. Murabona? Kandi ukarenga ukaba umunyedini wihitiyemo, ugaragara nk'intungane, kandi ntacyo ufite mu b'ukuri.

123 Mu by'ukuri, ni ibyo ncuti za njye. Ngayo nguko. Imana ibahe umugisha. Imana ibafashe. Simvuga ibi kugira ngo nitandukanye. Ndisobanura ubwa njye. Uno munsi, ni umunsi w'isezerano ry'amahoro. Sindiho nzezerana isezerano ry'amahoro namwe abashumba, habe na busa; ntekereza ko ari mwe mwakagombye kuza kugirana amasezerano nanjye; sijye mwaba muyagiranye, ah'ubwo ni Imana, Ijambo. Ni ukuri. Muvuge icyo Bibiliya ivuga; mubivuge uko byakabaye. Bibiliya ivuga iti: «Uzagira icyo agabanya ku Ijambo cyangwa akagira icyo aryongeraho…» Murabona, ntaho idini riri mu Byanditswe, kandi iyo wakiriye ihame rya mbere, icyakubera cyiza ni uko wasubira mu ntangiriro, kuko ariho warengeye urubibi. Iyo ugarutse ku kuvuka ubwa kabiri, ni bwo uzatera imbere mu Byanditswe.

124 Iyo ugiye mu idini, abantu bavuga bati: «Ndabizi; ntitwizera ibi. Mu idini ryacu, abayobozi bacu bigisha ko turi idini rya kera. «Sinitaye ku byo batigisha Niba Bibiliya ibyigisha, Mwuka Wera uri muri mwe, Azatungwa n'Ijambo. Uko umuntu yaba ari umunyabwenge kose n'ukuntu yagerageza kubisobanura kose, umuntu yabisobanura… Umupagani yafata Bibiliya akakugeza ubwo wanga Imana, ukurikije ibisobanuro bye byinshi.

Ni yo mpamvu, nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kubwiriza Ubutumwa Bwiza niba atarihereranye n'Imana nka Mose, kugeza ubwo avuka bundi bushya. Nta mutizera, nta bumenyamuntu, nta gutsindishirizwa, nta ntiti muri iyi si, yashobora kubikwambura. Wari uhibereye igihe biba. Yego, yego. Uzi ibyabaye.

Mwavuga rero muti: «Nanjye nagize uwo mwitozo, kandi nakiriye Mwuka.» Niba uwo mwuka uhakana Ijambo ry'Imana, ufite umwuka mubi. Wavuga uti: «Ibintu nk'ibyo ntacyo bimbwiye. Ndabizi, ariko idini ryacu… Yoo, reba umwuka mubi. Ngicyo ikimenyetso kikuranga. Kayini we, ushyizweho ikimenyetso. Yego, yego.

Eva yahakanye Ijambo rimwe gusa; si byo Imana yavuze byose, ni Ijambo rimwe gusa, nyamara iryo ni ryo ryabaye intandaro y'akababaro kose, intandaro y'umutima ubabaye, y'urupfu, y'icyaha, y'intambara, ya buri mva, ya buri mbangukiragutabara, ya buri bitaro byubakiwe abarwayi, na buri kibi cyose. Gushidikanya kwa Eva ku Ijambo ry'Imana rimwe gusa byabaye intandaro y'ibibi byose. Yarirukanywe, kandi ibi bitajyaga kuba. Uzinjira ute ushidikanya ku Ijambo rimwe Ryayo? Wavuga uti: «Nzi ko ribivuga; ariko…» ni icyo nyine risobanura.

125 Noneho mwumve, Imana ifite icyo izacisha urubanza rw'abari mu isi. Ntushora guca urubanza udafite amategeko. Hagomba kubaho ikintu utubahirije kugira ngo ucirwe urubanza. Murabona? Mu bisanzwe, ntihashobora kubaho guca urubanza hatabayeho ibihano. Murabona, ntimushobora kugira itegeko mu murwa rivuga riti: "Uzacibwa amande y'amadolari atanu mu gihe uzaba wirengagije itara ritukura", hanyuma hakaba n'irindi tegeko rivuga riti: "Oya, nta bihano bihari." Murabona, ntushobora gukora utyo. Mu by'ukuri amategeko abiri ntashobora gukora mu gihe kimwe. Hariho Itegeko rimwe, Imana imwe, Igitabo kimwe, Kirisito umwe. Ni ibyo. Itegeko rimwe, Amizero amwe. Ni Ibyo. Ni Bibiliya: Kirisito.

Mwitegereze ku bijyanye n'ibyo, haramutse habayeho icyongerwa kuri ibi, ibyo byaba byongeweho n'umuntu. Ntibishobora kurusha...

126 Niba Imana izacira urubanza ab'isi Yifashishije idini runaka nk'uko abagatolika bavuga, ni irihe dini Gatolika azifashisha? Hariho ubwoko bwinshi; hariho iy'Abaroma, iy'Abagiriki, kandi hari n'andi moko. Ni irihe dini Gatolika Izifashisha mu guca urubanza? Bishoboka ko Yabacira urubanza Yifashishije Abaluteri?

Cyangwa Yifashishije Abaperesibiteriyani? Murabona? Izakora iki? Ntizabacira urubanza Yifashishije idini. Izifashisha Ijambo Ryayo.

Murabona, ntishobora gukoresha itsinda ry'abantu, nk'uko indoto za mushiki wacu zabyerakanaga, Mwuka Wera yicuncumuriye muri we. Ntagushidikanya, ntacyabihagarika. Ni umuntu ku giti cye. Yatanzwe kugira ngo yeze itorero, ariko ntiryamuhagarika. Nta dini na rimwe ryamuhagarika. Ntakindi. Gusa, ntibishoboka. Byose ni aho bikubiye; ntiwabigeraho. Idini ntiryabigeraho. Ah'ubwo ni umuntu wuzuye Mwuka Wera. Noneho, mwitegereze.

127 Niba Imana izacira ab'isi urubanza yifashishije Ijambo Ryayo, bivuze ko Yaririnze neza nk'uko bikwiye. Riramutse ridasobanutse, Yazaca urubanza ite? Murabona? Hari ikigomba kuhaba. Kandi ntiyigeze Ivuga iti: "Uwo ari we wese, yishingikirije itorero…". Yavuze iti: "Kandi uzakura Ijambo rimwe gusa ku Ijambo ry'Imana, cyangwa akongera ijambo rye rimwe gusa ku Ijambo ry'Imana, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Noneho ku bwanjye, ni Imana, Ijambo Ryayo, ni urubanza. Mu by'ukuri, niba nca urubanza, nkanakira Ijambo, kandi nkabona ko Kirisito yampfiriye, rero ngiye gusaba ngo Ubugingo Bwe, bwinjire muri njye kandi bunyobore. Kandi niba Ubugingo Bwe, ari Ijambo, kandi Yanditse Ijambo, byashoboka bite ko Ubugingo Bwe buba muri njye, kandi njye, mpamya kugira Mwuka Wera, nakongeraho ihame mu cyimbo cy'Ijambo? Byonyine ntibizashoboka. Ni gute nakongeraho idini kandi Imana itemeranya na ryo? Yarabihamije, kandi Yabyerekanye mu mateka ko uko abantu bashyizeho idini, baba bapfuye mu buryo bw'umwuka. Yoo, umubare w'abayoboke babo uriyongera, ntakabuza. Ni ukuri. Umubare w'abayoboke babo uriyongera. Ariko mu buryo bw'umwuka ntaho bajya. Nimubinyereke, nimunyereke mu mateka aho itorero ryigeze… Aho rimariye gushyiraho inzego, ryahise ripfa; Mwuka Wera yarivuyemo, nta bitangaza habe n'ibimenyetso byari bikiharangwa, ryakomezaga riboneje mu gihirahiro.

128 Ni byo byabaye neza na neza ku matorero yacu ya gipantekote. Yakoze neza na neza ibyo nyina yakoze. Mu ntangiriro, barasohotse, bari ubwoko bwari bwaranze amadini. Noneho, bamwe muri mwe, bene Data mukurikiye iyi bande, bamwe muri mwe bantu bakuze, murabizi hashize imyaka myinshi, hashize imyaka mirongo ine, mirongo itanu, iyo baba baragize icyo bakubwira ku idini, wakabaye waravuze ko kwari ugutuka Imana. Ariko ubu, musigaye mubarizwa mu cyo mwitaga gutuka Imana. Mwebwe, bagore mwogosha umusatsi wanyu, mukanisiga amarange, nyoko yangaga ibyo. Uriya mupantekote wejejwe wa kera. Ni iki cyababayeho? Pawulo yavuze ati: "Mwirukaga neza, ni iki cyabahagaritse?" Murabona, murabona? Kera, ntimwari mumeze mutyo, none mwashatse gusa n'abandi.

129 Ni byo neza na neza Samweli yavuze… Isirayeli yari ifite Umwami, kandi yari Imana. Ariko bavuze bati: «Samweli urashaje. Duhe umwami; turashaka kumera nk'abandi. Turashaka kumera nk'andi mahanga. Turashaka umwami uzajya atuyobora ku rugamba; dushaka umwami ushobora kutuyoborera urugamba.» Maze ibyo bibabaza Samweli.

Avuga ati: «Hari ikintu cyanyu na kimwe nigeze mbaka? Hari amafaranga yanyu nigeze mbaka? Hari ikimasa nigeze mbaka cyangwa ikindi cyose?» Bamusubiza bati: «Oya, nta na kimwe wigeze udusaba.»

Ah'ubwo, avuga ati: «Hari icyo naba narababwiye mu Izina ry'Uwiteka kikaba kitarasohoye?» Ni ukuri? Avuga ati: «Noneho nimureke gushaka uwo mwami, kuko azababera umutwaro.»

130 Noneho, nifuza kubabaza ikintu kimwe, Branham Tabernacle. Muri hafi kugira urusengero runini. Byashoboka ko ntaba kumwe namwe by'igihe gito. Byashoboka ko njya ahandi. Birakomeye kuvuga aho Uwiteka azampamagarira kujya; byashoboka ko ankura kuri iyi si, byashoboka ko Ansubiza mu ibwirizabutumwa ryo hanze y'igihugu; byashoboka ko Ampamagarira kujya mu butayu. Sinzi aho Azampamagarira mbere y'uko Yesu aza. Ndashaka kubabaza ikintu kimwe. Hari ikintu na kimwe nigeze mbaka? Nigeze mbaka amafaranga? Mu bihumbi by'ibintu nababwiye, hari na kimwe naba naravuze mu Izina ry'Uwiteka, ntigisohore? Rero ntimuzigere mujya mu idini. Rihabanye n'Ijambo ry'Imana. Nimurisohokemo, niba muririmo, maze mwitandukanye na ryo hanyuma mwakire Ijambo ry'Uwiteka. Twubike imitwe, dusenge.

131 Mana y'abahanuzi ikomeye, Mana ya Aburahamu, ya Isaka, ya Isirayeli, Ongera imbaraga, Mwami, kuri ubu butumwa bwari bundi ku mutima uhereye igihe kirekire kugira ngo bubwirwe bene Data. Abenshi mu bari hano, Mwami, banzi ukutari ko. Batekereza ko nshaka kwigira igitangaza. Batekereza ko nshaka kwigira bamenya. Babwiye abantu ko mbayobya, by'umwihariko kui birebana n'imitwe y'ibibwiriza: nk'umubatizo wo mu mazi mu Izina rya Yesu, urubyaro rw'inzoka, maraya mukuru, mu mabande menshi yasakajwe ari nta kindi kirimo uretse ukuri k'umwimerere. Maze mbabaza nti: "Nihagire muri mwe abaza banyereke aho nacumuye, cyangwa aho ngaragarwaho n'icyaha cyo kutizera, cyangwa aho nasobanuye Ijambo nabi." Hanyuma habura uwaza. Ndagusabye, Data, ngo Umenyeshe aba bantu ko bayobewe igihe. Bazategereza, bizaba ari impitagihe, niba batabaye maso. Buri wese muri bo ashobore…

132 Mwami, ibi simbishidikanya. Umutima wanjye wahagarara iyo aba uyu murongo w'Ibyanditswe utari umbereye ukuri, ubwo Wavugaga uti: "Abo Data yampaye bose bazaza. Intama Zanjye zumva ijwi Ryanjye." Rero, Mwami, nizera ko Ubwami buri neza na neza nk'uko Wabivuze; nzi ko ari ko bimeze. Ni nk'umuntu wafashe urucundura, akajya ku kiyaga, maze akajugunyamo urucundura, hanyuma

akaruvanamo rwuzuye ibisimba by'amoko yose. Ntagushidikanya ko harimo amafi, utunyamasyo, ibitagangurirwa byo mu mazi, inzoka, ibyo urucundura rw'Ubutumwa Bwiza rwari rwafashe. Ariko nyuma y'aho gato, nyina w'amazi yisubiriye mu mazi; akanyamasyo kavamo; inzoka iravugiriza maze isubira mu cyondo, nk'imbwa isubiye ku birutsi byayo cyangwa ingurube isubiye mu byondo. Ariko hariya hari amafi nyakuri, Mwami. Kandi mpumurijwe no kumenya ko mbere y'uko urucundura ruca hejuru yayo, yari asanzwe ari amafi. Yari yaravutse ari amafi yatoranijwe.

Ni ko bimeze ku rucundura rw'Ubutumwa Bwiza rufata igihe cy'ububyutse. Uzi Abawe. Inshingano yanjye rukumbi, Data, nk'uko mbizi ni ukuguma ndi umwizerwa kuri iri Jambo. Ni Wowe Wemeza icyo ari cyo cyose. Kandi nzi ko nk'uko akanyamasyo kadashobora kuba ifi, ni na ko n'umuntu utizera Ubutumwa Bwiza, adateze kuzasobanukirwa Ukuri. Kuko Data yabibonye kare, kandi Wasezeranye ko abo Data Yaguhaye bazaza.

133 Dawe uri mu Ijuru, ndagusabye uteze amatwi ubu butumwa wese, umucyo bwabwirijwemo, n'icyo numva mfitiye abandi mu mutima wanjye, abo Wapfiriye… Kandi abantu, bamwe muri bo hariya, Mwami, nko mu itsinda rya Kora, abantu nyabo, bashutswe, bafite icyotezo cyera mu ntoke, baje kurimbuka. Mu by'ukuri, nta n'ubwo byemewe ko ibyo byotezo byaka bijyana na bo; Eliyezeri, umuhungu wa Aroni, byamubereye ngombwa kubateraniriza hamwe. Kandi ibyo bikoresho babigize nk'ibendera ku gicaniro, ingabo yo kwerekana, ngo bibe urwibutso rw'ayo mateka ababaje, yo kuba Kora yaragerageje gushinga itsinda rifite inzego rirwanya intumwa y'Imana. Ibyo bibe kure yacu, Mwami. Mwuka Wera aturinde ibihe byose.

134 Turagushimiye, Mwami, ku bw'uru rusengero rwacu, uru rusengero rwera… Hashize imyaka myinshi, hashize imyaka mirongo itatu, napfukamye hano mu kiziba cyari aha, cyuzuye ikigunda, kandi twakweguriye iki kibanza, iyi nyubako. Kandi hariya mu mfuruka y'uru rusengero, hashyinguye amateka y'iryo yerekwa. Ryasohoye mu buryo butunganye. Riracyahari. Ntawe uzarisenya, Mwami, rurashaje, kandi bazarurinda barutwikiriza urundi. Yoo, Mana, twemerere ko ubu Butumwa Bwiza bw'igitangaza bwanditwe muri izi mpapuro, butazigera buva muri uru rusengero ruto kugeza ubwo Kirisito azaza. Buriwese ugize Umubiri wa Kirisito… Bazaze hano baturutse imihanda y'igihugu n'iy'isi yose, buri wese yakire Umucyo, Ubutumwa Bwiza, maze abugenderemo, kandi yakire Kirisito.

Kandi ibyo bibe iby'ukuri ku buryo Amagambo Ye azasohora: "Imirimo Nkora, bazayikora na bo. Uwumva amagambo Yanjye maze akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho." Kandi iyo Ubugingo Buhoraho bwinjiye, baba babyawe n'Ijuru, kandi imirimo y'Imana izigaragaza ubwayo, kuko ari bwa Bugingo bumwe bwari muri We. Ntakindi byashobora gukora kitari icyo.

135 Kuri ubwo, Dawe, iri torero ntirizigere rishingira iherezo ryaryo ku byiyumvayumvo, ku idini, cyangwa ku cyo ari cyo cyose kitari Kirisito Ubwe uba muri bo, Uhamya Ijambo Rye Anyuze muri bo, ndetse n'isezerano Rye. Nifurije bose, uhereye ku mwana muto ukageza ku uhebuje abandi ubusaza, kwakira uyu mwitozo. Maze bibe bityo kuri buri mugabo cyangwa buri mugore, umuhungu cyangwa umukobwa, bumva iyi bande, Mwami, hanyuma Ubasobanurire ko mparanira kubaburira gusa, no kubahamagarira gusohoka, kuko igihe cyarangiye kurusha uko tubitekereza.

Kandi turabona Babuloni, nyina w'abamaraya, n'abakobwa be b'indaya bose bishyira hamwe. Yoo Mana, tuzi ko Ibyanditswe bivuga ko urukungu ruranduwe mu murima w'amasaka ruzabanza guhambirwa mu miba. None bahambiriye imiba, yitwa amazina atuka Imana mu by'ukuri atagira icyo ahuriyeho na yo. Kandi nta n'icyo ahuriyeho n'Itorero; ni amacumbi, si amatorero. Hariho rimwe gusa muri yo Data, kandi ni Iryo Wapfiriye.

136 Kandi ndagusabye, Dawe, igihe tubabona ubu bahambiririwe umuriro w'ibisasu bya kirimbuzi bigaragarira buri wese, ndagusabye, Mwami, ngo amasaka yuzure kandi abe menshi. Bitwemerere, Mwami. Tube umucyo, tumurike kandi tumere nka Yesu: "Niba Ntakora imirimo Data yampaye gukora, icyo gihe Nzaba ari nta Bugingo buri muri Njye. Ariko niba Imana ivuga maze Ikagaragaza Ubugingo Bwayo, icyo gihe birivugira." Bidukorere, Mwami. Nkweguriye ubu butumwa, kugira ngo Uburinde, kandi Uzane ku Butumwa Bwiza abantu benshi, Mwami, cyangwa abana Bawe batoranijwe bose. Muri Yesu Kirisito, ari We Jambo, nsenze mu Izina Rye. Amen.

137 Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda

Yandonkeye agakiza

i Kaluvari ku musaraba.

Hari icyo ngiye kubabaza. Ni bangahe uyu mugoroba bari hano muri uru rusengero rwiza kandi runini, bizera n'umutima wabo bose, ko ubuzima bwabo bwujuje ibisabwa n'Imana na Bibiliya, kandi bizera iyo bareba ubuzima bwabo, bakabona uko Mwuka akorera muri bo, bakizera buri Jambo uko Ryanditswe bakanaryitondera? Murabyizera? Imana ibahe umugisha. Ntizabakureho Umwuka Wayo.

Na we ncuti yanjye wumva bande, nari gushimishwa n'uko wirebera iri teraniro, ndakeka ko abazamuye ibiganza barenga mirongo icyenda ku ijana ibiganza, bigaragaza ko bizera kandi ko bakitondera Bibiliya (atari ibyo idini rivuga) ibyo Bibiliya ivuga, (atari ibyo idini rivuga) ibyo Bibiliya ivuga, kandi bakaba babona Ubugingo bwa Kirisito bwihishurira muri Yo.

138 Murabizi, kera mbere y'uko tugira inganda zishongesha amabuye y'agaciro, umucuzi yakubitishaga zahabu inyundo. Nkeka ko mwamaze kumva babivuga. Mbere y'uko inganda zibaho, bakubitaga amabuye. Kandi zahabu ni ibuye rirusha ayandi kuremera. Nakoze igenzura, iyo ushungura uruvange rw'amabuye, zahabu ni yo isigara munsi y'ayandi. Ariko iyo zahabu iba yuzuye umwanda wayirundanijeho. Kandi ibyo byabaye mu bihe ry'ivuka ry'ibirunga. Umucuzi yafatage ibuye rya zahabu akarikubita, arihindukiza akongera agakubita, bityo bityo kugeza ubwo umwanda ushiriyemo. Muzi icyamumenyeshaga ko umwanda ushizemo? Ni uko yashoboraga kwibonamo nk'uwirebeye mu ndorerwamo.

139 Ni cyo Imana ikorera Itorero. Ikubita buri hame, buri dini, buri muhango, kugeza ubwo Ibonye Ubugingo Bwayo bwite bugaragariye muri wowe. "Nintakora imirimo ya Data, mwe kunyizera." Murabona? Niba icyari kigenewe itorero, ubuzima bwari muri Kirisito butagaragaye muri mwe, ntimuzatuze igihe cyose mutaragira ukwihangana, imbaraga, ukwirinda, ubumana, urukundo rwa bene Data, n'ibyo bintu byose musabwa. Ibyo mwaba mwarakoze byose, uko mwaba mwarashakuje, amadini yose mwaba mwarabayemo, uko mugerageza kwishushanya kose, ibyo, murabyirinde. Mutegereze kugeza ubwo muzabasha kubabarira bivuye ku mutima, kugeza igihe muzagirira urukundo rwa bene Data mu mitima yanyu. Naho baba baragupfuye ubwanwa bw'uruhande rumwe, ukaba wabasha gutega urundi ruhande mu mahoro, murabona, kugeza aho izo mbaraga… ibyo bakubwira byose…

140 Ubwo bamupfukaga igitambaro mu maso, bakamukubita mu mutwe, bavuze bati: "Bavuga ko uri umuhanuzi." Nyuma baramupfukura, ni uko umwe muri bo amubaza ati: "Ni nde muri twe wagukubise?" Hanura maze umutubwire, turizera ko uri umuhanuzi naho ubundi… Ntiyigeze abumbura umunwa.

Niwumva ko umuhanuzi yaje, akaba afite ibisubizo ku bibazo byose bamubajije, wibuke ko, atari umuhanuzi. Yego, muri iki gihe, bagomba kumenya byose, igihe uzarwarira iryinyo, igihe uzarwarira mu nda n'ibindi byose, bazakubwira byose bijyanye n'ibyo. Si uko Imana iteye. Witegereze umuhanuzi; witegereze Yesu.

141 Mwitegereze Pawulo, ubwo yahanishaga ubuhumyi umuntu umwe, nyamara yaretse umucuzi amwirukana mu gihugu: "Nkeka ko yari yataye ubushobozi bwo guhanisha ubuhumyi."

Yesu wazuye abapfuye, bivugwa ko umusirikare yamuciriye mu maso, yarikokomoye maze aramucira, anamupfura ubwanwa, amukubita urushyi, amupfuka igitambaro mu maso, avuga ati: "Hanura maze utubwire ugukubise."… maze ntiyabumbura umunwa.

Ntimwite kuri bariya batekamitwe. Ariko mwibuke, idolari ry'irihimbano rigaragaza ko hariho idolari ry'ukuri. Iyo mubona aya madini atera imbere, nk'uko bivugwa ngo: "Izateza imbere ikinyoma", gusa, mwibuke ko itorero ry'Imana ririho, ryuzuye Mwuka Wera by'ukuri, Itorero ry'umwimerere, ritumbagira urwego. Ntimukite ku idini rikomeye.

142 Ni irihe dini rivugwa muri Bibiliya ko ryaba riruta Itorero rya Efeso? Kandi nyuma y'aho Pawulo yambukiye ibihugu bya ruguru bya Efeso, maze akagera kuri iryo torero, hari abantu cumi na babiri. Ni ukuri. Kandi bose bari abantu b'intwari. Barasakuzaga, bagiraga ibihe byiza, ariko bari batarabona Mwuka Wera. Pawulo avuga ati: «Mwakiriye Mwuka Wera aho mumariye kwizera?» Bamusubiza bati: «Mu by'ukuri, ntituzi ko Mwuka Wera yaje.»

Avuga ati: «Mwabatijwe mubatizo ki?» Niba ari ntacyo bihindura, ni iki yabwiye ririya torero?

Bavuze bati: «Twabatijwe n'umwe mu bantu bakomeye bigeze kuba kuri iyi si, Yohana Umubatiza, wabatije Umwami wacu. None se uwo mubatizo ntuhagije?»

Avuga ati: «Oya oya. Mugomba kongera kubatizwa, kuko Ubwami atari ubwa bose.» Kandi bamaze kumva ibi…Avuga ati: «Yohana yabatije gusa umubatizo wo kwihana, atari uwo kubabarirwa ibyaha, avuga ko mwagombaga kwizera Uwajyaga kuza, ari We Yesu.» Maze bamaze kumva ibyo, babatizwa mu Izina rya Yesu Kirisito. Ni ukuri. Bakurikira Ibyanditswe.

143 Murabizi, kiriya gitondo, ubwo beguriraga Imana ihema, Mose yakurikije urugero yari yabonye mu Ijuru maze ashinga ihema ry'ibonaniro. Ubwo Salomo yubakaga urusengero, (yakoze iki?) yakurikije urugero rwa Mose, hamwe n'ihema, agendera ku Byanditswe.

Kandi ubwo Imana yazaga mu rusengero Rwayo mu bihe bya nyuma, urwo rusengero, Mwuka Wera, «Wanyiteguriye umubiri», Mwuka Wera amanuka ku munsi wa Pantekote, ubutumwa, bwari: «Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito kugira ngo ababarirwe ibyaha, namwe muzahabwa iyi mpano ya Mwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.» Niba mushaka kwita umushumba wanyu dogiteri, dogiteri

Simoni Petero yanditse umuti, umuti uhoraho.

144 Iyo, umwe mu bacuruza imiti, agerageje gutanga umuti akurikije idini rye, ni yo mpamvu… Iyo utanze umuti urenze urugero, wica umurwayi. Iyo utanze umuti utuzuye, ntacyo umarira umurwayi. Muganga wawe azi icyo akugenera.

Kandi Kirisito, Mwuka Wera, ni We wandika umuti, kandi Yarawanditse. Ntukagire icyo wongeraho, ntukagire icyo ugabanyaho, fata gusa Umuti uko bakawuguhaye. Ni Umuti ukiza ububabare bwose. Imana ibahe umugisha. Muramukunda? Amen.

Ndamukunda, Ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda

Kandi akaba Yarandonkeye agakiza

i Kaluvariyo ku musaraba.

145 Noneho, igihe dushugunda iyi ndirimbo, muhindukire maze musuhuze uwo mwegeranye. Yoo, na we ni umugenzi, uhita. Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda,

Akaba Yarandonkeye agakiza

i Kaluvariyo ku musaraba.

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda,

Akaba Yarandonkeye agakiza

i Kaluvariyo ku musaraba.

Ndamukunda (tuyiririmbe noneho),

Ndamukunda kuko Yabanje kunkunda,

Akaba Yarandonkeye agakiza

i Nyabihanga ku musaraba.

146 Noneho, twubike imitwe, duhubye amaso, tuzamure ibiganza maze tuzamurire Imana amajwi yacu igihe mbashinze umushumba. Tunejejwe no kubagirahano. Ntituri idini. Nta rindi tegeko tugira uretse urukundo, nta rindi hame uretse Kirisito, nta kindi gitabo uretse Bibiliya: nta kwisunga ah'ubwo turavuka; dusabana binyuze mu Maraso ya Yesu Kirisito atwezaho ukutizera kose.

Ni byiza cyane, twese hamwe noneho.

Ndamukunda, Ndamukunda (Imana ibahe

umugisha.

Muzongere mutubere abashyitsi.)

kuko Yabanje kunkunda...

Ni byiza, pasitori, Imana iguhe umugisha.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7